

N° 37 NYAKANGA – UKUBOZA 2012

COMITE DE REDACTION

1. Myr. J.M.V.NSENGUMUREMYI
2. Padiri Fabien RWAKAREKE
3. Bwana Alexis KAYITSINGA
4. Bwana Eleuthère NSENGIYUMVA
5. Bwana Didace MUSEBYUKUNDI
6. Bwana Jean TWAHIRWA
7. Madamu Françoise BAMURANGE

I K I G U Z I

Aka Kanyamakuru kazajya kandikwa KANE mu mwaka

Numero imwe : 150 Frw
Ku mwaka : 600 Frw
Mu mahanga : 1500 Frw

Ushaka gufasha azibwirize

Imprimé par Pallotti-Presse en Mars 2013

IBIRI MURI AKA GATABO

1. Ijambo ry'ibazze

P. Fabiyani RWAKAREKE

2. Musenyeri Matayo NTAHORUBURIYE Umusaserdoti (1939-1989)

Myr.J.Baptiste HATEGEKA

3. Paruwasi Kinunu yizihije umunsi mukuru w'Umutima Mutagatifu wa Yezu

Frodouard GASHUMBA

4. Kwizihiza Bazina Mutagatifu umuryangoremezo wiragije biragenda biba umuco muri

Diyosezi ya Nyundo. / Didace MUSEBYUKUNDI

5. Umunsi udasanzwe muri paruwasi ya Kinunu

Fratri Félix MUSHIMIYIMANA

6. Uwiturwa ineza aba agira Imana

Fratri René Claude HAKIZIMANA

7. Ikiganiro hagati ya Padiri Nsengiyumva Vedaste na Padiri Mwitegere Théodore

Yakobo UWEMEYE

8. Ijambo Président wa Comitium ya Nyundo yagejeje ku bakristu ku munsi mukuru wa

Yubile y'imyaka 90 Lejiyo ya Mariya imaze ivutse
Gaspard NDENGABAVUMA

9. Ijambo ry'intumwa ya Senatus mu munsi mukuru wo guhimbaza imyaka 90 Lejiyo

ya Mariya imaze ivutse. / *Veneranda MUKAKIMENYI*

10. Ihuriro ry'urubyiruko rwa UGA – JAC (Urubyiruko Gatorika rw'Abahinzi, abahungu

n'abakobwa) ryabereye muri paruwasi ya Biruyi kuva tariki ya 29/6/2012 kugeza ku ya

01/07/2012. / *Eleuthère NSENGIYUMVA*

11. Jeanne Eykens NYIRABAHINZI wagize uruhare rukomeye mu muryango w'AGI

uherutse kwizihiza Yubile y'imyaka 50, yitabye Imana.

Eleuthère NSENGIYUMVA

12. Abakristu bakwiye kumenya kurushaho ko kwiyubakira paruwasi ari inshingano yabo

Didace MUSEBYUKUNDI

13. Ndemeye kandi ndabyumvise, Im ana iriho, ni Yo yandemye, kandi imfiteho umugambi *Fratri Félix MUSHIMIYIMANA*

14. Ijambo rya Padiri Maritini BAHATI k'umunsi wa Yubile ye y'imyaka 25

y'Ubusaserdoti (4 Kanama 2012) / *P.Maritini BAHATI*

15. Udukuru two hirya no hino

Françoise BAMURANGE

IJAMBO RY'IBANZE

*Umwaka w'Ukwemera twizihiriza mbere na mbere mu rugo no
mu muryangoremezo urarimbanyije.*

Uyu mwaka w'Ukwemera ni ingabire ikomeye Imana yaduhaye. Papa Benedicto wa XVI abonye akaga isi irimo gatewe ahanini n'uko abantu bateye Imana umugongo, bakimika ibintu, cyangwa umuntu ubwe akgira Imana, yatangaje uyu mwaka w'Ukwemera. Papa yarashishoje ayobowe na Roho Mutagatifu. Umukiro nyawo tuzawukesha kurangamira Kristu akatuyobora kuri Se, akatwigisha urukundo nyarwo ; rwa rukundo rukunda Imana soko y'ibyiza byose, rugakunda umuntu uwo ariwe wese nk'ishusho nzima y'Imana, nk'umuvandimwe wibonamo ukamukunda nk'uko wikunda, maze gukunda bikaduha ubugingo, amahoro no kujya mbere.

Kurangamira Imana bivuga mbere na mbere kuyimenya. Ubwenge bwa muntu bumwerekeza ku Mana, ariko ntiasobanukirwa n'uko iri by'ukuri atabihawe n'Imana, atabonye urumuri rw'Umwana w'Imana, uwo Se yohereje kugira ngo amutumenyeshe byuzuye. Uyu mwaka ni uwo guharanira kwakira urwo rumuri, twamenya ukuri bikadufasha guhindura imyumvire n'imyitwarire tukaba abantu bashya.

Kugira ngo tumenye ibyo Umwana w'Imana yaduhishuriye dusoma Ivanjili, tukayizirikana. Icyakora Yezu yanadusigiye Kiliziya idufasha gusobanukirwa n'iyo Vanjili. Abayobozi ba Kiliziya abasimbura b'intumwa nibo bashinzwe by'ibanze kwamamaza Ijambo ry'Imana no gufasha abaryakira gusobanukirwa neza. Hagiye habaho abatwara nabi iryo Jambo, bakarisobanura bapfobya bimwe mu by'ingenzi. Ibyo byatumye abayobozi ba Kiliziya mu nama nkuru zihuza Abepiskopi batangaza ingingo shingiro ry'ukwemera : niyo ya Ndangakwemera (Credo) turirimba cyangwa tukayivugira hamwe ku cyumweru no mu minsi mikuru. Papa Benedicto XVI yifuje ko muri uyu mwaka w'Ukwemera twazirikana ku ngingo z'iyo Ndangakwemera. Muri Diyosezi yacu, imiryangoremezo yose yabitangiranye n'umwaka wa 2013 ikazageza mu mpera z'ukwezi kwa Werurwe.

Mu kuzirikana amahame y'ukwemera twifashisha Gatigisimu ya Kiliziya Gatolika. Ibisobanuro dusanga mu gatabo imiryangoremezo yifashisha kitwa « Nyagasani twongerere Ukwemera » niho byakomotse.

Iyo Gatigisimu ya Kiliziya Gatolika inadufasha kumenya uburyo bwo gushyigikira ukwemera no kugushyira mu ngiro. Iyo imaze kuzirikana ku mahame twemera, idufasha kumva amasakramentu adutagatifuza, amategeko tuboneramo uburyo bwo kubaho muri Kristu,

n'isengesho rya gikristu rihuje n'uko Yezu yabidushyikirije. Ibi byose tuzagira igihe cyo kubiganiraho mu muryangoremezo.

Basomyi b'Umusemburo w'Ubusabane, iri Jambo ry'ibanze mwagira muti riratandukira. Aka gatabo kagenewe amezi atandatu ya nyuma y'umwaka wa 2012, nyamara twavuga umwaka w'ukwemera tukajya no mu wa 2013. Birumvikana kuko umwaka w'ukwemera watangiye ku itariki ya 21 Ukwakira 2012 ukazarangira ku ya 24 Ugushyingo 2013.

Byari kworoha kugenda tuvugira ikintu cyose igihe cyacyo iyo twubahiriza gahunda isanzwe y'agatabo k'Umusemburo w'Ubusabane ka buri gihembwe. Ntibyadushobokeye. Habayeho izindi nyandiko zihutirwa zidutwara igihe cyinshi, kandi n'abatugoboka batwoherereza inyandiko baba bake. Mu by'ukuri habuze inyandiko zihagije ngo agatabo kacu gatangarizwe igihe.

Icyo duhakanye ni ugucika intege, turacyizeye gukomeza. Nimwemere dufatanye.

Agatabo mufite ni gato, ariko karimo ibintu bishimishije. Mu kwibuka imyaka 60 ishize Nyundo ibonye Umwepiskopi wayo wa mbere, twishimiye kuzagenda tunababwira abamufashije kwubaka Diyosezi ya Nyundo. Twagize amahirwe yo kubona aho Musenyeri J.Baptiste Hategeka atubwira umwe mu b'ikubitiro ariwe Musenyeri Matayo Ntahoruburiye. Yabyanditse kera, ariko kuri twe birashimishije kubimenya. Biranashimishije kubereka uko ururimi rwacu ari rwiza. Musenyeri Hategeka akiranura neza ingingo akabona ijambu riboneye, akamenya no gutera umusomyi gutekereza ahuza ibintu byinshi. Mubisome muryoherwe harimo ubuhanga buhanitse.

Amezi twibanzeho yabayemo iminsi mikuru n'amahuriro yagiriye imiryango y'Agisiyo Gatolika akamaro. Abanditse bagiye bavuga ibyabaye ku munsi nyirizina w'ibirori, nyamara biriya birori byose byasozaga imyiteguro igenewe kuvugurura buri muryango.

Biyumvishije umwihariko wa buri muryango mu kwakira impano rusange y'ukwemera. Twese dusangije amasezerano amwe ya Batisimu, ndetse abagize iyo miryango hari n'ibindi basangije n'abandi bakristu bahuje ubuzima. Twavuga nk'ababa bubatse bazi inshingano biyemeje igihe bahanye Isakramentu ry'Ugushyiringwa. Ariko n'urubyiruko ruzi ibisabwa n'itegeko rya kane byerekeye ababibarutse n'ababarera. Twese tuzirikana ko Isakramentu ry'Ugukomezwa ryatugize abahamya ba Kristu aho tuba hose. Ibi byose abakristu barabisangije. Uri mu muryango w'Agisiyo Gatolika yiyeze kubibamo intangarugero akagerekaho umwihariko w'umuryango arimo. Ni byo biyibukije bitegura iminsi mikuru muzabonera imisango yahavugiwe. Bidutere inyota yo kutarushwa. Umukristu wese atunganye ibyo asangiye n'abandi, agire

abo yisunga kugira ngo bamufashe kubigeraho, kandi nk'intwari agire icyo aharanira kugeraho gisumbye ibisanzwe.

Muri aka gatabo turanasangamo ibidufasha kwishimira uko imirimo y'lyogezabutumwa itakiri gusa mu guhuza imbaga, abasaserdoti biyemeje kurushaho kwegera abo batumwaho bakabasanga aho batuye mu miryangoremezo. Umushumba wa Diyosezi yacu ntahwema kubi bakangurira. Mu gifransa byitwa Pastorale de Proximité. Bivuga kubwiriza uri hafi y'abo ugezaho ubutumwa, ku buryo mushyikirana mwegeranye mwumvikana. Abasaserdoti basura imiryangoremezo, bagaha abawutuye umwanya wo kurushaho kwegera Kristu bagasangira Ijambo rye, bagaturira hamwe igitambo cy'Ukaristiya aho batuye, bagashyikirana, bagakemura ibibazo ndetse bakidagadura. Byongera rwose ubuvandimwe mu muryango w'lmana ari wo Kiliziya.

Muraza no gusanga muri aka gatabo abanditsi bifuza ko dutuza tukareba ibintu n'ibindi tugashishoza. Ni ukugira ngo umusomyi yiyungure areke kuba aho ari nyamujya iyo bijya.

Mu bihe turimo hari abashobora kudushukisha ibihinda bitagira ireme tukazasanga twarakurikiye umuyaga. Abanditsi bacu bo baradutoza gutekereza, kugira ngo tuzamenye gutandukanya ururo n'icyatsi.

Ngaho rero nimusome mucurure bibagwe neza. Ubutaha namwe muzatugezeho ibisumbye ibi. Tubaye tubashimiye.

Padiri Fabiyani RWAKAREKE.

MUSENYERI MATAYO NTAHORUBURIYE UMUSASERDOTI 1939-1989

1. AMAVU N'AMAVUKO Y'UBUKOMBE

Amata ngo agira gitereka cyangwa igitu cyiza cyera imbuto nziza: izina rye Ntahoruburiye ni se Mazire Bazoli warimwise, mu kwezi kwa

cumi k'umwaka wa 1912. Uwo Mazire Bazoli yari mu bakristu b'imena muri misiyoyi ya Rwaza igitangira. Yarihandagaje mu muryango mugari, ayoboka Kristu wenyine, abatizwa mu 1910. Bene wabo bazahinduka nyuma buhoro buhoro. Ibyo bivuga ko mbere y'uko bahinduka, Bazoli yari yarahawe akato, ameze nk'umugambanyi mu babo, kuko ari ko byagendaga icyo gihe.

Ni cyo cyatumye umuhungu we abapadiri babo batinze kumubatiza, batinya kongerera ibitotezo uwo mukristu. Ndetse n'umugore we, Bahizi, azabatizwa mu 1930 kuri Noheli, abone kwitwa Karitasi. Icyakora, ku bwumvikane bwa Bazoli n'abapadiri, Ntahoruburiye azigishwa hamwe n'abana b'abakristu bitegura Ukarisitiya ya mbere maze azaherwe icyarimwe Batisimu n'Ukarisitiya. Bigishwaga n'Ababikira Bera. Yabaye umukristu rero wuzuye mu mwaka wa 1920, ku wa 25 w'ukwa munani : n°4809 - Rwaza.

Ubwo Matayo akomeza kwigishwa cyane cyane na Mama Constantia, umubikira wabwiraga abo bana ko bashoboraga kuzaba abasaserdoti kavukire ntasibe kubibasubiriramo ngo babitore. Mu 1923, utwo duhungu twari tugimbutse, nuko badutandukanya n'abakobwa, batwimirira mu mashuri y'abapadiri. Matayo akomezwa mu 1925, ku itariki ya kane mu kwezi kwa kabiri, n°3525 – Rwaza. Ni Musenyeri Classe wamukomeje.

2. AGANA ITORERO RYA SEMINARI

Padiri Vitoux na Valezi, bafashijwe n'umugabo Inyasi Ndezayo, wari warize mu seminari, ni bo bateguraga abo bana kuzaba imirerwa ya seminari. Bidatinze, mu 1926, ku itariki ya 26 mu kwa munani, babohereza i Kabgayi.

Mu iseminari bakomeje kwiga uko bisanzwe usibye inkomyi imwe mu 1929: hateye icyorezo cy'indwara, bituma abaseminari bahungira i Rambura, mu kiruhuko cy'imburagihe. Aho bagarukiye i Kabgayi, benshi mu baseminari barabasibiza, ariko Matayo arimuka.

3. ATSINDIRA SEMINARI NKURU

Tumaze kumva ko benshi babasibije mu iseminari nto. Iyo myaka ntiyari yoroheye abanyeshuri rero, ni cyo gituma Matayo atangara ati "Jye sinasibira"! Iteka ryo gusibira ubwo ryatunguye benshi, kandi umenza icyo gihe kugira icyo ubaza byarabyaraga igicumuro.

Urangije seminari nto, iyo ashatse kujya mu nkuru, abisaba Umushumba wa Diyosezi. Nta kindi kizami agomba gukora, iyo Umushumba n'abamureze mu iseminari ntoya bamwemereye gukomeza. Rimwe na rimwe haba abarezi babikemanga, hakavuka impaka, bamwe babona ko usabye kujya mbere hari ibizamunanira, cyane cyane nk'inyigisho nshya zitangirwa mu iseminari nkuru. Icyakora ubusanzwe ngo ntayitinya itarungurutse. Ngo hari abashakaga ko Matayo atarungurukayo. Ibyo ari byo byose, inama ya bensi yariganje. Matayo na bagenzi be binjira mu iseminari nkuru i Kabgayi ari icyenda, hari ku itariki ya 17/9/1931. Bari bahuriye ku cyifuzo kimwe rukumbi : gutabarana ari indatana, bakazagera ku busaserdoti bose. Nyamara se Ntahoruburiye si mwene Mazire! Hadateye kabiri, abafaratiri bagiye kogera mu Rurumanza, maze uwitwaga Yohani Nzirorera aheramo. Uwo amaze kurohama, abandi babiri muri bo barataha. Icyenda rero cyari gikendereye bihagije.

Uko nyirabyo abidutekerereza, ngo abasigaye ntibahwemye gusenga, basaba kuzaba icyenda. Basabye Imana ibihuje n'ugushaka kwayo, kuko babihawe: koko rero, Imana yaje kubashumbusha abafaratiri babiri bari bategereje, ndetse hiyongeraho na Bernard Rwarahoze, aturutse Gipalapala muri Tanzaniya, nuko icyenda gisubiraho, umusaruro uhimbaje icyo gihe.

Dore uko bakurikiranyije intambwe bateraga bagana alitari :

- 16.7.1934 : Bakaswe agasatsi (tonsura)
- 17.7.1935 : Ibice bibiri bito (gukingura no gusoma)
- 18.7.1936 : Ibindi bice bibiri (guhashya shitani n'ubuhereza)
- 1936-1937: Umwaka wo kugeragezwa.

Matayo na J.M.Vianney bageragejwe mu iseminari nto. Uwo mwaka w'isuzumwa wabaga inkeke ikomeye ndetse kenshi ukaba ntarengwa, kuko bamwe mu bakwitegerezaga bagushakagaho akamunani.

Ariko Matayo na bagenzi be bawuhonotse uko banganaga, begukana intambwe y'ubusudiyakoni bageze mu Nyakibanda, ku itariki ya 26.7.1938, niho seminari nkuru yari yarimuriwe. Erega ubudiyakoni bwahise bukurikiraho, ku itariki ya 3.10.1938. Baba baciye imihigo, intego yabazinduye bayikozaho imitwe y'intoki.

Igihe kirekire cy'ubusaserdoti bari bafashe, bagicyuye mu mwaka wa 1939,
ku munsi wa 25 Nyakanga, maze bagabana ku manywa y'ihangu, nta kigwari kibavuyemo uko bakabaye icyenda.

4. INTORE ICYENDA ZIBYUKURUKIRIZWA INTUMWA YA PAPA.

Bwari ubwa mbere ubukristu mu Rwanda bwibaruka intore zingana zityo. Izo nyamibwa, Musenyeri Classe wari uzi ko Musenyeri Giovanni Dellepiane wari intumwa ya Papa i Léopoldville yagombaga kwibuka imyaka makumyabiri n'itanu yari arangije ari umusaserdoti, yifuza kuzimumurikira. Musenyeri Giovanni Dellepiane ni we waziramburiyeho amaboko kandi azisiga amavuta y'ubutore.

Reka natwe tuzibyukurutse kuri uru rupapuro :

Bernard RWARAHOZE , Laurent SIKUBWABO , Soter NTAHONTUYE Thaddée BICURISHA , Alphonse RWAKAZINA , Augustin NKERABIGWI J.M.Vianney RUSINGIZANDEKWE , Michel RWABIGWI , Matthieu NTAHORUBURIYE.

Abatanu babanza muri izo ntware bitabye Imana. Bane basigaye baracyakirana n'iminsi. Muri bo, uwo dusanga ubusaza butaramugeza hasi ni Musenyeri Matayo Ntahoruburiye.

5. RUTIGOMBAGUZA IMIRIMO.

Umuto bamurinda inzara, ntazira gutumwa. Amaze ukwezi asizwe, ku itariki ya 26.8.1939, abakuru bamwohereje i Mugombwa, gusigarira ku rugo abasaserdoti bagiye kwiherera.

Ariko ku itariki ya 3.10.1939, yahamagariwe kwigisha mu iseminari nto i Kabgayi. Hakaba igihe kibi cy'intambara n'inzara! Icyakora Padiri Matayo yatangiranye umurimo w'uburezi umunezero ukomeye. Nta rungu n'ubukonje yagiraga, nta susumira, n'ubwo yakoranaga n'Abapadiri Bera ari wenyine wirabura. Abo bera ariko bamwanguye neza kandi mu mwaka wakurikiye uwo, bamubonera undi munyarwanda bafatanya, Padiri Alfred Sebakiga. Babanye bombi, barumvikana karahava! N'ikimenyimenyi ni uko aho Padiri Sebakiga arwariye mu mutwe, agacikira mu Nyakibanda, yigombye Padiri Matayo ho umurwaza. Musenyeri Classe ni ko kohereza Padiri Matayo kubana n'uwo murwayi amezi abiri yose mu Nyakibanda : byatumye Padiri Sebakiga akira icyo gihe. Padiri Matayo agarutse i Kabgayi, ahabana na Padiri Byusa.

Kumenyerana n'abato ba seminari ntibirakamuremaza. Aho Musenyeri abishakiye, yamwohereje mu Cyanika kwa Padiri Yohani Bizimana, ahaba umunyabintu, amarayo umwaka yitoza kuba mu misiyoni : kuva mu kwa munani 1944 kugera mu kwa munani 1945. Ku

itariki ya 15.8.1945, Padiri Matayo ajya guhangga paruwasi ya cyahinda. Aho bahatangiye ari batatu: Padiri Bernard Rwarahoze, Padiri Alfred Sebakiga na Padiri Matayo nyine. Iby'ubwubatsi ni Melchior Gisimba wabikoreraga Padiri Litjens wari umubitsi wa Vikariyati, kandi umuganda umutware Yozefu Rutamu n'ibisonga bye n'ingabo batije Cyahinda, watumye ubwubatsi bwose bwuzura mu gihe cy'umwaka umwe n'igice gusa. Iyo paruwasi Padiri Litjens n'abamufashije bashakaga kuzayitura Vikariyati ho indabukirano ya Musenyeri Deprimoz, asimbuye Musenyeri Classe.

Nta byera ngo de, byageze aho padiri Sebakiga asubirwa no mu mutwe, noneho biza ari injyanamuntu. Bamwohereje i Léopoldville agwayo. Ubwo padiri Matayo abura inshuti ye y'amagara.

6. INDASHYIKIRWA KU NYUNDO

Padiri Matayo yari aganje i Cyahinda mu Bashumba. Ryari ishema ridasanzwe icyo gihe guhabwa gushinga paruwasi, ndetse no kwegurirwa ubuyobozi icyo gihe byemererwaga bake mu banyarwanda.

Paruwasi ye yari ayikuye mu busa, ayimenyereye, ayikomeyeho. Kimwe n'Abramu, bigize bitya bamusaba gusiga byose ngo ahaguruke yerekeza iyo Imana izamwereka.

Ubwo tugeze mu 1952. Amateka y'ubukristu mu Rwanda yavugaga inkuru imwe hose: Umwepisikopi w'umunyarwanda kavukire, Nyir'icyubahiro Musenyeri Aloyizi Bigirumwami, Umushumba wa Vikariyati nshya ya Nyundo! Yari amaze amezi make ahawe inkoni n'inkuyo. Ibibazo by'igabana ry'abasaserdoti muri Vikariyati zombi byari birangiye, abantu bose bamaze kwizera aho baherereye, bakomeje imirimo yabo.

Musenyeri Bigirumwami yibagirwa iborori, atangira kurota imiruho, dore ko yari agabanye ishyamba n'imishike, ndetse abanyarwanda bensi batamushimira ko yakiriye iryo shyano. Padiri Matayo, kugeza ubwo, ntiyabarirwaga mu barimyi ba Nyundo, kuko atari yararikiwe ubwo budehe. Yari acagashije ikivi muri Cyahinda ye, kandi agahimbaza umusyi kari munsi y'ingasire.

Sinzi uko mwene Rukamba akaraze ikaramu, asaba padiri Matayo kuzamushinga imwe mu ndoto ze z'ingenzi: Seminari ntoya yo ku Nyundo. Iyo nkuru y'akamenamutwe bayimukoza mu kwezi kwa mbere 1953. Niwe ubiyivugira ati "Ncika integel!" Byamuguye gitumo. Kandi kubyemera ntiyari abitegetswe ngo bibe kumvira, byari ukwitanga ku buntu bwe gusa, kuko abakuru be banditse ngo : "Wajya ku Nyundo ubyishakiye". Yabyemeye atitotomba, ahaguruka adahigimye, yemeye kuzahinga babiri, ava mu rugo rwuzuye ajya gucumbika mu tuvundi. Umuhigo wari umwe: "Sinakwhakana Musenyeri Bigirumwami,

Umwepisikopi wa mbere wacu kavukire!” Uwo muhigo ntiyigeze awuhinyukaho, kuva yagera ku Nyundo, ku itariki ya 14.2.1953.

a) “*Yamugabiye kuyobora ingo ze*”.

Nyundo yari ibonye abana ariko ikenera ingobyi yo kubaheka. Padiri Matayo yashoboye guheka batanu mu rw'urukwavu, kuko yari yuje amahoro hamwe na bagenzi be ku Murama: bamaze umwaka mu kiraro, ariko mu mudendezo uhagije, kuko ubusore budasakuza bwatumye batagaya isaso.

Uwo mwaka wo ku Murama wagaragaje ko afite imitsi y'abatabazi. Nko mu Ivanjili rero, nyir'ibintu ati : “ubwo wabaye inyangamugayo mu duke, ngwino ungengere byinshi”. Umugambi wo gushyitsa umuganda no kuremereza ingombe za seminari utangira ku Nyundo.

Padiri Matayo ataha muri icyo gisiza kidendejemo amazi, iruhande rw'amasumo ya Sebeya: Ni ho yacyuye abahungu akuye ku Murama. Musenyeri ati “icyo kibaya gitigita kirabeshya, nzagitinda ngitandikemo amataje atatanye ugutatu, maze imitabo y'ibijumba yimukire igitego cy'inyumba!” Padiri Matayo n'ingabo ze bati “twahatashye, intiganda, umuganda wose ukenewe tuzawutanga!” Padiri Matayo agafata iya mbere ariko atabuze no gutera umugeri utsayeye uwasigaye inyuma muri iryo shyaka.

Seminari yimukira ityo ku Nyundo, ku itariki ya 15.2.1954 : bapfaga aho barambika umusaya, haba mu isarumara cyangwa mu icuriro. Uko ibibazo bivutse bakabishakira umuti. Icyari cyenze kubazinga uruti ni abaje bakemanga imygishirize ya seminari, bavuga ko abo banyeshuri badakwiye impamyabumenyi. Maze ariko umutego wanga ikinyoma ntiwatinze gushibukana bene wo : ikigeragezo cy'ikotaniro umuyezuwiti Collin ateguriye za seminari zose, Nyundo igitsindana ishemba. Mu mashoka, yiharira umwanya wa mbere mu irushanwa ry'intiti.

Ibindi bibazo by'imibereho isanzwe, nta we byongeye gutera indishyi, kuko zari zirimo abagabo b'interahamwe, kandi nta cyo baburanye Musenyeri Bigirumwami.

b) “*Akamenya n'ibihavugirwa byose*”.

Padiri Dominiko, mu ndirimbo ye itagira uko isa ya Pentekositi, agira ati “..... Ni na we ugenga byose (Roho Mutagatifu), akamenya n'ibihavugirwa byose”. Padiri Matayo na we, nta nama yamusabaga ku Nyundo. Yari umujyanama w'ikirenga usanzwe, yari umwiru w'indashyikirwa wa Musenyeri Bigirumwami. Ntawavuga ko umwe yari umutoni w'undi, oya, bombi bari inshuti, bahujwe neza n'imrimo

basangiye, ugasanga gukunda ugukunda no gukundwa n'uwo ukunda ari byo kuri mu bantu.

c) *Inkike ze ziba imitamenwa.*

Aho yarindaga ntawigeze abasha kuhaca icyuho. Nta mugayo kandi, ni umugabo ugenda inzira imwe y'ukuri. Abigeze kumutwaraho umwikomo, ni abo yimye amatwi, ntabatere inkunga ahubwo akabatera utwatsi mu bihindagurika byahise.

Mu myaka iruhije, cyane cyane mu burezi bw'abasore, umurava we ntiwacubanganye. Mu bicika ntiyacumbagiye, yabaye umusaserdoti w'intabera, ntiyagira igice abogamiramo. Abatamuzi babyise gutsimbarara ku bitekerezo bishaje, nyamara ariyo umugabo usanzwe yarasobanuye, imigambi imwe ntiyivugururiza ibyaraye n'ibiramatse uko byurirana.

Mu 1965, ku mugoroba w'uwa 10 mu kwa gatanu, ubwo Musenyeri Matayo yategekaga seminari nkuru ku Nyundo, seminari ntoya twari duturanye irasumbirizwa. Musenyeri Matayo yarahagobotse, ahagarara nk'inkingi hagati y'ingamba zishyamiranye, habura uwamushyigura, iz'inkazi zimwidadjeho zikuka imikaka. Yahabaye umuraririzi w'inkike zose, abanzi bazikikije bagwa ruhabo ndetse n'ibyitso byuzuye ibyanzu abikubita incuro, acubya atyo abashakaga ingusho. Nguwo Rushoborahakomeye!

d) *Kunywana si indasago ku nda.*

Ubwe yajyaga atwibira akajambo kenshi : « Bigirumwami yarandemaje bana banje ! » Burya abahuje imigambi n'inama ni bo banywanyi, igihango si indasago zonyine.

Ibunga ry'icyo gihango twarushijeho kuricengera ku itariki ya 1.5.1961, Padiri Matayo atorewe kuyobora Nyakibanda, umunyaafrika wa mbere washinzwe umurimo nk'uwo.

Yarongeye yemerera Musenyeri Bigirumwami kuva aho yari amenyereye, nuko Mpakanamakenga ajya kuruhira seminari nkuru mu bihe bitoroshye. Icyatumye atiheba ni uko yari ahagarikiwe n'ingwe, Musenyeri Bigirumwami, n'izindi ntwari zamubaye hambavu ni we uzizi. Yahabaye Rucamubicika.

7. RUSHOBORAHAKOMEYE ATI « AKO KAZUYAZI NIKAVEHO, SI AKO KUBANGIKANA N'ISHYAKA ! »

Mu Nyakibanda ntibyatinze, maze findifindi igomba gukizwa na so araroga. Ni uko seminari nkuru yo ku Nyundo yatangiye, na yo Musenyeri Bigirumwami ayishinga Musenyeri Matayo ngo ayiyobore.

Mu 1963, ni ho Nyakibanda yatatanye, abafaratiri basubizwa akana iwabo akandi iwabo. Ku itariki ya 4.11.1963, Seminari ya Mutagatifu Yozefu itahwa ku mugaragaro ku Nyundo, mu bukene buzira inshyuro. Dore ijambu rishimira Umushumba wa Nyundo ubutwari yagize, rikanasingiza abafasha be : « C'est donc aujourd'hui, à 16h30', que nous inaugurons ce beau Grand Séminaire... Toute cette journée a été pleine de joie mais surtout de reconnaissance pour tous les amis de Nyundo, mais particulièrement, pour vous, Excellence, qui avez été trouvé digne de comprendre que tout ce qui arrive n'est que l'exacte expression de la volonté divine...

Si par conséquent, Dieu vous a demandé tant de peines et de soucis depuis que vous avez pris le gouvernement du Diocèse de Nyundo, ce n'était pas du pur hasard, mais la préparation de toutes les grandes choses réalisées, dont le couronnement est la naissance du Grand Séminaire que Jésus vous donne aujourd'hui dans ce même diocèse...

Je ne voudrais pas prétendre que Dieu soit intervenu par un miracle quelconque dans l'affaire Nyakibanda... Je peux cependant affirmer que la Providence nous a tirés d'une situation humainement parlant sans issue....

Si des erreurs, disons ainsi, sont parfois dans l'Eglise de Dieu, n'avons-nous pas la preuve que cette Eglise vit du souffle divin, que l'Esprit Saint souffle où il veut et que nous devons bien nous garder de nous soustraire à sa divine et puissante emprise...

En arrivant à Nyundo, nous avons été témoins de cet accueil fraternel dont nous avons été l'objet... Nous avons admiré tant de marques de sympathie et de dévouement à notre endroit, de la part du Petit Séminaire qui nous a si bien hébergés, de la part de l'Abbé Wenceslas Kalibushi, Econome Général, qui avec le Frère Hyacinthe et leurs ouvriers, nous ont préparé une demeure si convenable, que nous ne sommes pas réduits à dormir parmi les ânes et les bœufs, dans la maison de St.Joseph.

Cela doit être une grande consolation que de vivre entourés de l'affection des nôtres et aussi une grâce permise par Jésus afin de compenser le sacrifice... La croix parfois peut être lourde, mais sentir qu'on est si près du Christ dont notre Evêque est le représentant visible, nous allège très fort son poids...

Pour ce qui regarde nos chers grands séminaristes ici présents, je suis persuadé qu'ils vont se mettre avec enthousiasme au travail et que cette floraison vous fera oublier, Excellence, les mauvaises heures

passées... Nous promettons de vivre continuellement cette rectitude de la vie qui, somme toute, n'est que la condition de la paix... Voilà, Excellence, ce qui vous fera voir des années de réconfort, de joie profonde et de travail béni, dans ce Nyundo retrouvé...

Imyaka cumi yamaze ayobora iyo seminari nkuru yamubereye igihozo atazahuga, nk'uko ibyago byayishenye mu 1973 byamushenguye umutima. Abafaratiri banyuze imbere bamusigiye umucyo : bari bake beza kandi batowemo abasaserdoti benshi, batari ibibore na gato. Tubaruye twitonze, abasaserdoti bakomotse muri Nyundo kuva mu 1964 kugera mu 1979, ni mirongo ine na batandatu. Ngiryo ikamba ry'uwabareze, akabacukiriza Kilizya, agakomeza kuyibaheramo urugero rwiza akorana na bo, tutibagiwe n'itsinda ry'abalayiki bashyigikiye Kilizya n'ighugu.

8. UWO UBUSAZA BWATINYIYE ITOTO

Mbere twigeze kuvuga ko mu bagikanyakanya biganye ari we iminsi itarasigamo urubori cyane. Si uguabya, kuko nta wundi muri bagenzi be ukigenda yemye, ngo nakandagira imodokari ye ivumere maze ibisiga bitumuke. Ni umusaza ukiha agahahira n'abo ashinzwe. Ni umunyamajyambere udateze guta urukonda ku ikoti rye. Ni umukeshabitaramo utigeze aba igishagasha, asazanye itoto.

Ni koko nanone, ntakananira iminsi. Imvi n'ibindi bimenyetso by'izabukuru ntibyimirwa, ariko ku buyanja bw'ubwenge n'umutima nta cyo yatubyeho. Twamenyereye ko aho duhuriye na we adusetsa, na n'ubu ntarabidohokaho. Twaramutoye ku buryo natwe tuvuga imvugo ye tutabishaka. Ibyo biramunyura iteka. Nguwo Musenyeri Matayo, mutarambirana.

Imirimo yose aracyayibashije, ntajija cyangwa ngo ajijinganye : akorera paruwasi n'amasantarari yayo ku mucyo no mu mvura. N'imodoka ye, iyo inishye bisanzwe, ni we uyikwamurira. Mu myaka mirongo irindwi n'umunani y'amavuko, intego ye iracyari kuzabona umwaka w'ibihumbi bibiri, kandi ntawabihinyura. Narambe ! Ubusaza bwe ntawe bubangamiye.

9. INDATWA MU KWEMERA NO MU MAJYAMBERE.

Kwigisha imyuga no kwibanda ku mirimo y'amaboko bitaraba umugambi wa hose, padiri Matayo yatoje abaseminari bo ku Murama kudahera ku tunyuguti twonyine. Yumvaga neza akamaro k'imyuga mu bihe bizaza. Yabahimbiye n'akaririmbo gakubiyemo ubwo burere: "... Amatata numva, nimuyirengagize mwese! Abacurabwenge bagwiriye isi

yose! Abasore mwitoze kujya imbere mu myuga ! Ubyumva ukundi, ntazakira : ashwi, ashwi! Aziruka u Rwanda, azapfa atiteguye...!“

Uwo murezi wabuhiriye ni we waremajé Musenyeri Bigirumwami, bituma amuragiza ingo zose yubatse. Yamusabiye n'imidende itari mike: Papa Yohani wa 23 agira padiri Matayo “Prélat domestique”, ishimwe ryo muri Kiliziya Gatolika rigira umuntu inyarurembo, icyegera kwa Papa. Ibyo byabaye ku itariki ya 28-9-1963. Kuva icyo gihe twatangiye kwita padiri Matayo Musenyeri. We rero yivugira muri make ati “Byarantangaje”.

Nyamara twe abagenzuraga ubwitange bwe turi hafi ye, tubona yari akwiye n'ibisumba ibyo. Icyakora nta cyo we yishyuzaga, ni cyo gituma yarabonaga byose ari ingabire zimurenze, kuko n'yo bitagenda bityo nta mwikomo byamuteye; yakoraga iteka nk'uwikorera, nta mashimwe ararikiye. Kuba umwugariro mu marembo ya Nyundo ntibyanatanze amashimo menshi muri ibyo bihe, kandi ni cyo yari yariyemeje: kutabangikanya ubusaseridoti n'urunturuntu, kutagenda ibigorigonzi. Gushimwa kwe byaratunyuze rwose. Musenyeri Bigirumwami yongeye kumushima mu 1970, ku itariki ya 26 y'ukwezi kwa kabiri, amugira umufasha we mu rwego rwa “Vicaire Episcopal”.

Impeta ze z'imeni ariko si izo cyane cyane: ahubwo ibihe bimaze guha ibindi, diyosezi ya Nyundo igengwa na Musenyeri Visenti Nsengiyumva, Musenyeri Matayo yahawe umudende w'umubano ushyitse: gushajisha neza Musenyeri Bigirumwami. Dore ubutumwa yakuriye ubwatsi: “Jya ku Kivumu, ubane na Sogokuru, muraziranye cyane; uzamumare irungu”. Musenyeri Matayo aherako ataraka, ariyamira ati : “ Urakarama, ungiriye neza!”

Ku itariki ya cumi mu kwezi kwa cyenda 1977, Musenyeri Wenceslas Kalibushi atwara diyosezi ya Nyundo, Musenyeri Matayo yongeye gushimirwa ubushobozi bwe, atumwa kuragira iza Kristu mu rwuri rw'i Busasamana. Niho n'ubu akiri ku murimo mu munezero udasiba.

Uko kumushima igithe na gihe byagiye bimugarurira ubuyanja. Byashyize kera n'igihugu cyose kimenya icyo iyo ngirakamaro ikwiye. Nuko “Imvaho” iduteguza ko Magnus azambikwa impeta y'ikirenga, ayigenewe na Prezida w'u Rwanda, uwashinze M.R.N.D; mu ruhame rw'abanyarwanda babirimbiye, ku itariki ya 25.5.1988, Minisitiri Habanabakize, yatumwe n'u Rwanda kwambika Musenyeri Matayo umudari w'ishema: “Officier de l'Ordre National des Mille Collines”. Ntiyakoreye indashima. Twese turamushimira ko yadukuye mu bugimbi akatugeza mu gitaramo cy'abagabo, ni ryo shingiro ry'amajyambere ahamye: yubatse imitima y'abana b'u Rwanda kandi n'ubu muri uwo mugambi aracyagereka ibuye ku rindi.

Urakagwira, Musenyeri Matayo, urakaramba muri twe,
tugushajishe neza !

Umwanzuro : aracyarasana, Rushoborahakomeye !

Ndibuka ko kuri yubile ye y'imyaka makumyabiri n'itanu y'ubusaserdoti, yizihirijwe muri seminari nkuru ku Nyundo, mu 1965, Musenyeri Matayo umunezero wamurenze twakira abashyitsi ku meza maze aterura atya umusango: "Aba bavuna muheto bankundira iki?" Nimwiyumvire namwe umunyurwa w'umubano! Ni nde, usibye inyangabirama, utamukundira icyo ?

Tubisubiyemo rero, amateka y'ubuzima bwe ni yo dukesha kubaho kwa benshi muri twe; ibyo twamwanditseho ni akuzuye umutima wacu. Inyituranu tubashije ni ukumuvuga neza. Naho ataba umuseke ugoroye, icyaduhera abantu bose kugororoka nka Musenyeri Matayo, isi yazarokoka. Abamuzi kandi bakimuri bugufi, yaratunyuze.

Nawe ariko yaranyuzwe. None sinabumba aka gatabo ntamuhyae urubuga ngo agire icyo abibwirira ubwe. Ukwiyorosha kwe ntikuze kubatera gushidikanya, mukeka ko namuvuze uko atari. Abize mu ishuri rya Paulo Mutagatifu iteka bicisha bugufi. Ngiryo ijambo yatoranyije muri menshi : "*Ahubwo rero ibyo abantu bita ibisazi, ni byo Imana yihitiyemo ngo irindagize abiyita abahaha; kandi ibinyantege nke ku bantu, ni byo Imana yitoreye ngo isuzuguze abanyamaboko; bisubiye, abatagira amavuko b'insuzugurwa ni bo Imana yihitiyemo ngo ihindure ubusa abiyita ibyariho; hato ngo hatagira umuntu n'umwe wikuza imbere y'Imana.*"(1Kor.1,27-29).

Ayo magambo yamugeze ku mutima, ubwo arifuza ko twasangira umugambi wayo. Asoza aturarika ngo tumufashe gukuza Imana: "Nimumfashe kuzahora nyishimira!"

Tuje kugufasha kuyisingiza, Musenyeri Matayo we !

YUBILE NZIZA !

Musenyeri Yohani Batisita

Hagegeka,

Le 21/2/1989

PARUWASI KINUNU YIZIHIJE UMUNSI MUKURU W'UMUTIMA MUTAGATIFU WA YEZU

Ku cyumweru tariki ya 01/07/2012 paruwasi Kinunu yizihije ibirori by'impurirane. Mu gitambo cy'Ukaristiya, Padiri mukuru Léonidas Ngarukiyintwari yaduhaye inyigisho agira ati : uyu munsi ni uw'ibyishimo kubera impurirane twizihiza :

-Umuni mukuru w'Umutima Mutagatifu wa Yezu waragijwe paruwasi yacu,

- Isabukuru y'imyaka itandatu dutashye Kiliziya ya paruwasi,

- Gusubiza mu butumwa abagabuzi b'Ukaristiya,

- Gutangira umwaka w'ubutumwa 2012/2013,

- Kwizihiza isabukuru y'imyaka 50 y'ubwigenge n'imyaka 18 yo kwibohoza.

Dutangiye umwaka w'ubutumwa twitegura kwinjira mu mwaka w'ukwemera nk'uko Umushumba wa Kiliziya Gatorika Papa Benedigito wa 16 yabyifuje mu ibaruwa yatangaje tariki ya 11/10/2011, yise « Irembo ry'Ukwemera » (Porta Fidei). Uwo mwaka uzatangira ku ya 11 Ukwakira 2012, urangire ku ya 24 Ugushyingo 2013.

Muri uyu mwaka w'ubutumwa dutangiye tuzaharanira gushimangira ukwemera kwacu. Ni ngombwa ko duhora twiteguye guha igisubizo umuntu wese uzagira icyo atubaza ku byerekeye ukwemera kwacu (1Pet 3,15).

Tuzihatira kurangwa n'ibikorwa bishimangira ukwemera kwacu.

Tuzazirikana ku ndangakwemera yacu, dusesengure buri gice mu biyigize.

Tuzahagurukira gukora ingendo ntagatifu duhereye ku gusura kenshi Kiliziya ya paruwasi.

Tugomba gukunda Umubyeyi Bikira Mariya, tukamwumvira, tukamwambaza.

Ni ngombwa kwita ku lyogezabutumwa duhereye mu ngo zacu no mu miryangoremezo.

Nk'uko Umwepiskopi yabyifuje mu ibaruwa yanditse ku itariki ya 28/06/2012 atanga ubutumwa bushya, tuzashyira imbere iyogezabutumwa ry'ingo (Pastorale de la Famille).

Ni ngombwa kunoza umuhimbazo w'igitambo cy'ukaristiya, liturujiya ikagaragaza koko ukwemera kwacu kuko ibyo duhimbaza muri liturujiya bigaragaza ukwemera dufite ndetse n'ubuzima bwacu bwa buri munsi. Liturujiya yacu igomba kutubera umwanya wo kugaragaza

ukwemera. Ni ngombwa gufata neza aho dusengera tuhasukura, mbese tugaragaza icyubahiro tuhafitiye.

Muri uyu mwaka tuzubaka chapelles z'imiryangoremezo ndetse n'ahazashyirwa amashusho muri santarali ya Murama na Syiki.

Ni ngombwa rwose gushimangira ukwemera kwacu, tugaragaza abo turibo. Tugire ibimenyetso by'ukwemera nk'amashapure, imisaraba, imidari, skapulari, amashusho,...

Uyu mwaka w'ubutumwa 2012/2013 uzagendera ku mwaka w'Ukwemera akaba ariyo mpamvu tuzayoborwa n'iri jambo « Twe twaremeye, kandi tuzi ko uri Intungane y'Imana (Yh6,69).

Tugomba kumenya abo turi bo kandi tugaterwa ishema n'uko turi abakristu. Ubutumwa bwacu muri uyu mwaka buzashimangire uko kwemera twibanda ku ngo, Kilizya y'ibanze ; ku muryangoremezo, abana n'urubyiruko by'umwihariko, ku miryango y'agisiyo gatorika, ku mashuri, gutegura neza no gutanga amasakaramentu.

Yashoje amenyesha abakristu ba paruwasi Kinunu ko Padiri Léandre Nshimiyaremye wari Vicaire muri paruwasi ya Kinunu, yahawe ubutumwa bwo kujya kwigisha mu Seminari nkuru ya Rutongo, akaba asimbuwe na Padiri J.Damascène Hakizimana uvuka muri paruwasi ya Muhato.

Misa ihumuje, twese twateraniye kuri tribune ahagenewe gukorerwa ibirori byasusurukijwe n'imbyino, indirimbo n'imiyereko by'itorero ry'Umutima Mutagatifu wa Yezu.

Bwana Tuyisenge Placide uhagarariye abalayiki muri paruwasi Kinunu ati : ni byiza kwishimira uyu munsi twibuka itahwa rya Kilizya yacu. Dusubize amaso inyuma, twibuke ibibazo by'izuba n'imvura twagiraga, byose ubu ntibikibaho. Ni ibyo gushimira Imana. Ati, ntitezibagirwa Padiri Géorges Lovens waduhaye ibikoresho byayubatse. Rero dukwiye gufata ingamba zo kuyigirira isuku, tukarushaho kuyongererera ubwiza kandi dusukura n'imitima yacu.

Nyuma y'indirimbo n'imbyino by'itorero, padiri mukuru yafashe ijambo agira ati : umukristu agomba kugaragaza ukwemera kwe. Ati, intego twari dufite ni : « Uri urumuri rw'isi n'umunyu w'isi » (Mt5,13-14). Intego y'uju mwaka ni : « Twaremeye kandi tuzi ko uri Intungane y'Imana » (Yh6,69). Akomeje agira ati, twibuke kandi dushimire padiri Géorges Lovens twaragije Nyagasani mu Misa, yaradufashije ni uwo kwibukwa iteka, kandi natwe tukagumana umurage we mwiza wo gukunda Kilizya umubyeyi wacu.

Nyuma y'umudiho w'imbyino n'ikinimba, uwaje ahagarariye Akarere ka Rutsiro yahawe ijambo, aterura agira ati : Nyakubahwa padiri mukuru, bashyitsi baturutse hirya no hino, bakristu ba paruwasi Kinunu, mbere na mbere mbifurije kugubwa neza kuri uyu munsi mwiza w'impurirane y'iminsi mikuru.

Ati, Akarere ka Rutsiro gashimira Kiliziya Gatorika kubera ubufatanye mu burezi buteye intambwe, karashimira na paruwasi Kinunu itihererana ibyishimo ikadutumira twese. Ati, ariko kubera isabukuru y'imyaka 50 y'ubwigenge n'imyaka 18 yo kwibohoza, abayobozi b'Akarere twagabangabanye kugira ngo ibyiza bibe hirya no hino mu Karere. Arasaba gukomeza gushimangira ibikorwa by'iterambere. Arasaba kubwira Umushumba wa Diyosezi ya Nyundo ko bashimira ubufatanye hagati ya Leta na Kiliziya mu burezi bw'amashuri. Arashimira padiri mukuru wa paruwasi Kinunu n'abakristu mu bufatanye bakomeje kugirana. Asabye padiri Léandre Nshimiyaremye uhawe ubutumwa mu iseminari nkuru y'i Rutongo kutazatwibagirwa, ati natwe tuzajya tugusura.

Uhagarariye Santarali ya Syiki nawe yahawe ijambo, ati mu izina rya Santarali ya Syiki n'iya Murama, nk'abakristu, uyu munsi ni uwo gusubiza amaso inyuma ngo turebe aho dukomeza n'aho dukosora. Ati twe kandi nk'abakristu ba paruwasi Kinunu, amasantarali yacu atuye ku buryo butegeranye, duhurira mu Misa rimwe mu kwezi tugataha tutaganiriye. Ati kwisanzura dusabana nibura rimwe mu mwaka bikomeje byadushimisha.

Asoje agira ati, padiri Léandre Nshimiyaremye uhawe ubutumwa, kuri twe harimo ibintu bibiri ; ibyishimo n'ububabare kuko yaduhuguraga muri byinshi birimo kwigisha amakorali yacu.

Twashoje turirimba « Dufite byinshi tugushimira Nyagasani ». Hanyuma duhabwa umugisha turataha.

Gashumba

Frouard.

KWIZIHLZA BAZINA MUTAGATIFU UMURYANGOREMEZO WIRAGIJE BIRAGENDA BIBA UMUCO MURI DIYOSEZI YA NYUNDO

Hashize iminsi abasaserdoti ba paruwasi zigize Diyosezi ya Nyundo basura imiryangoremezo ku munsi yizihizaho abatagatifu yisunze. Imiryangoremezo igitangira gushyirwaho, henshi muri paruwasi zigize Diyosezi ya Nyundo wasangaga ifite amazina ashingiye ku misozi yabaga ituyeho cyangwa ugasanga amazina asa n'ayamashyirahamwe. Twavuga nk'abitwaga abaharanira ubutungane, abasonzeye ijuru,... Hari bake ariko wasangaga barafashe izina ry'umutagatifu bisunga. Uko ibihe byagiye bikurikirana hari abasaserdoti bagiye bafasha abakristu kugira umuco wo kwiyambaza abatagatifu bityo umuryangoremezo ukagira umutagatifu wisunga byaba ngombwa igihe bahimbaje uwo mutagatifu umusaserdoti akabavugira Misa iwabo, aho bibaye ngombwa hakagira abakristu bahahererwa amasakramantu.

Muri paruwasi zimwe na zimwe (twavuga nka Rususa, Rambura, Nyundo, Murunda n'ahandi) bateye indi ntambwe. Babifashijwemo n'abasaserdoti babo, imiryangoremezo yose igize paruwasi yahawe amazina atandukanye kugira ngo umusaserdoti ajye ashobora kwifatanya n'abakristu guhimbaza umutagatifu umuryangoremezo wabo wisunze hatabayeho guhura kw'amazina menshi umunsi umwe.

Uko bigaragara, gusurwa n'umusaserdoti ku munsi nk'uwo byongerera imbaraga abagize umuryangoremezo kandi bigakangura na bensi baba baraguye. Bifasha n'abageze mu zabukuru baba batagishobora kugera kuri paruwasi kenshi. Iyo gahunda kandi ituma abasaserdoti barushaho kwegera abakristu bityo ubufatanye mu kubaka Kilizya bukarushaho kumvikana.

Imwe mu miryangoremezo yatangiye kwizihiza abatagatifu yisunze kera imaze gutera intambwe ishimishije kuko uko guhura kenshi kubafasha no gutekereza ku bikorwa bivateza imbere haba kuri roho no ku mubiri.

Twafata urugero nko ku muryangoremezo witiriwe Bikira Mariya Eva mushya wo muri Santarali Kinyanzovu ya paruwasi Busasamana, uhimbaza bazina bawo batagatifu ku itariki ya 8 Nzeri bibuka ivuka rya Bikira Mariya. Tariki ya 8/9/2012, uyu muryangoremezo wizihije ku nshuro ya 12 ivuka rya Bikira Mariya, hakaba hari ku nshuro ya 5 umusaserdoti yifatanya nabo mu gitambo cya Misa yasomewe aho umuryangoremezo usanzwe ukorera. Muri iyo Misa, hari umugabo n'umugore bari bamaze amezi 2 babana bahawe isakramantu ry'ugushyingirwa, hari n'umwana muto wahawe isakramantu rya Batisimu.

Haba mu Misa no mu birori byakurikiyeho, itsinda ry'abana ry'uwo muryangoremezo niryo ryaririmbye ndetse rinasusurutsa iborori dore ko uyoboye iryo tsinda ari umwe mu ntumwa 2 zaserukiye paruwasi Busasamana mu ihugurwa ryahuje abarezi b'amatsinda y'abana bahagarariye abandi muri paruwasi zose za Diyosezi ya Nyundo kuva tariki ya 26/6/2012 nimugoroba kugeza tariki ya 29/6/2012 mu gitondo ku Nyundo.

Misa ihumuje, abayobozi b'umuryangoremezo bajanye n'abashyitsi bari bitabiriye ibyo birori gusura ibikorwa binyuranye by'umuryangoremezo bakesha ubufatanye bw'abawugize. Hasuwe umurima munini uhinze ibirayi, hasurwa imbuto z'ibirayi zifite agaciro k'amafranga 210.000 ; hasuwe ihene 6 z'umuryangoremezo nyuma yuko buri rugo rugize umuryangoremezo rworozwa ihene. Hasuwe kandi n'inka 3 zikomoka ku nka bahawe na padiri Mbonabakira Visenti, padiri mukuru wa paruwasi Busasamana. Uretse izo nka eshatu, hari izindi nka 2 zahawe abanyamuryango muri gahunda yo kuboroza kandi ngo barateganyako iyo gahunda izagera kuri buri rugo muri gahunda bihaye ya *Gira inka mukristu*.

Nyuma yo gusura ibyo bikorwa hakurikiyeho iborori byarimo imbyino, imivugo utundi dukino n'amagambo yahawe abayobozi banyuranye. Bose bashimaga uko uwo muryangoremezo ukora, bashima ibikorwa umaze kugeraho ndetse babashishikariza gukomeza kujya mbere.

Muri ibyo birori kandi batangije gahunda yo gufasha ku buryo bufatika abatishoboye b'umuryangoremezo wabo. Uwo munsi bafashije imfubyi 2 (umuhungu n'umukobwa) baziha uniforme y'ishuri n'amakaye n'amakaramu. Bavuze ko icyo gikorwa kizakomeza.

Twababwira ko Umuryangoremezo witiriwe BikiraMariya Eva mushya ari umwe mu miryangoremezo 10 yatoranyijwe muri paruwasi Busasamana na Biro ya Diyosezi ishinzwe iyogezabutumwa muri gahunda yo kuvugurura imiryangoremezo kugira ngo ibe ahantu harangwa amahoro n'ubwiyunge. Uri muri santarali Kinyanzovu, hafi y'ishuri ribanza rya Rwanzekuma.

Musebyukundi Didace

Intumwa ya Biro ya Diyosezi
ishinzwe
iyogezabutumwa

UMUNSI UDASANZWE MURI PARUWASI YA KINUNU

Mu bushishozi bwayo, Diyosezi ya Nyundo irangajwe imbere n'Umushumba wayo Myr Alexis HABIYAMBERE, yashyizeho amatsinda y'abana kugira ngo abana bahamenyere iby'ingenzi bigomba kuranga umwana w'umukristu. Muri ibyo, twavuga kumenya Imana bihuje n'urugero agezemo, kugira uburere bwiza butuma akomera ku muco, gusabana n'abandi bana bakaganira, bagahuza urugwiyo, bityo bakubaka ejo habo heza.

Paruwasi ya Kinunu rero, nk'imwe muri paruwasi zigize Diyosezi ya Nyundo, ntiyagombaga gusigara inyuma muri iyo gahunda y'ingirakamaro. Ubu buri muryangoremezo wose ugiye ufite itsinda ry'abana. Uko amatsinda yubatse, buri tsinda rifite komite y'abana batandatu, hakiyongeraho umuntu mukuru woherejwe na komite y'umuryangoremezo ngo abe umujyanama w'iyo komite. Komite zubatse kuva ku rwego rw'umuryangoremezo, mu nama y'umurenge, muri santrali, kugeza kuri paruwasi. Amatsinda akora nibura rimwe mu cyumweru, bakiga amasengesho, bakunguka ubumenyi kuri Kiliziya no kuri Bibiriya, bakamenya imbyino zitandukanye, abazi gukora mu nganzo bajyayo, mbese buri mwana abona aho yisanzurira. Ubu batangije gahunda y'uko amatsinda yo mu nama z'imirenge yishyira hamwe agashinga korali y'abana, kugirango bajye bagira umunsi wo kuririmba mu Kiliziya. Banafite gahunda y'uko buri santrali yagira itorero ry'abana, maze umuco nyarwanda ntuzimire ; ngo bakazajya baseruka aho batumiwe. Ariko rero, nubwo bakora ibyo byose, ntibigomba kubangamira na gato imikorere isanzwe y'amatsinda mu miryangoremezo. Ikindi twakongeraho, ni uko ayo matsinda afite umusaserdoti uyitaho by'umwihariko, ari we Padiri J.Damascène HAKIZIMANA, akaba afatanya na padiri Léonidas NGARUKIYINTWARI.

Mu kiruhuko gisoza umwaka w'amashuri 2011-2012, abaseminari bakuru boherejwe n'Umwepiskopi muri paruwasi ya Kinunu ni Diyakoni Emmanuel TWAGIRAYEZU na Fratri J. de la Croix NIZEYIMANA. Abo ngabo, bafatanyije n'abaseminari bato n'abakuru bavuka muri iyo paruwasi, bagize uruhare mu gukora iyogezabutumwa ry'abana. Bimwe mu byo bibanzezo, twavuga nk'amatsinda y'abana na patronage yaberaga muri santrali ya Skyiki no ku cyicaro cya paruwasi.

Nyuma rero yo kubona uruhare rw'abana muri Kiliziya, paruwasi ya Kinunu yashyizeho umunsi w'abana. Ni ku bw'iyo mpamvu, tariki ya 01 Nzeri 2012, abana bahuriye kuri paruwasi bizihiza umunsi mukuru wa mutagatifu Kizito, umurinzi wabo. Uyu mutagatifu ni umwe mu bahowe Imana 22 b'i Bugande. Niwe wari mutoya mu myaka, kuko yishwe afite imyaka 14 gusa !

Kuri uwo munsi mukuru rero, intero yari imwe ku bana b'i Kinunu : « DAWE BAKUMENYE KANDI BABE UMWE ». Uwo munsi waranzwe n'ibintu bitatu by'ingenzi :

- 1) Igitambo cy'Ukaristiya cyitabiriwe n'abana hamwe n'abita ku matsinda y'abana
- 2) Amarushanwa atandukanye
- 3) Ibirori byaranzwe no gucinya akadiho no gushyikiriza ibihembo amatsinda yagiye ahiga ayandi mu bihangano bitandukanye, bagendeye ku isanganyamatsiko yagiraga iti : « *Turate ibyiza by'amatsinda y'abana muri paruwasi ya Kinunu twisunze mutagatifu Kizito* ».

1. Igitambo cy'Ukaristiya

Igitambo cy'Ukaristiya cyatuwe na Padiri J.Damascène HAKIZIMANA afatanyije na Padiri Piyo KWITONDA, padiri Straton NSHIMYUMUREMYI na padiri Léonidas NGARUKIYINTWARI. Misa yari yitabiriwe n'abana basaga ibihumbi bibiri n'amaganatanu (2500) baturutse muri Santarali zigize paruwasi ya Kinunu.

Mu gutangira Misa, padiri J.Damascène yahaye abana bose ikaze, anabifuriza umunsi mukuru mwiza wa mutagatifu Kizito. Yakomeje ababwira ku buzima bwa Kizito igihe yari akiri ku isi. Yababwiye ko urugendo Kizito yarusoje neza, kuko yahamyaga ukwemera kwe, yemera gupfira Nyagasani bityo urupfu rwe ruba rumubereye umuryango yinjiriyemo asanga Imana mu ijuru. Yashoje ahamagarira abana kugenza nk'iyo ntore y'Imana. Mu nyigisho ya nyuma y'Ivanjili, Diyakoni Emmanuel TWAGIRAYEZU yatangiye yifuriza abana n'abahagarariye amatsinda y'abana umunsi mwiza ati : « Bana uyu munsi ni uwanyu, kuri iyo mpamvu rero buri wese nahe mugenzi we ikiganza amwifuriza umunsi mwiza ». Ku bw'ayo magambo, buri mwana yagize ibyishimo n'umunezero wo guha ikiganza uwo bicaranye batari baziranye. Yakomeje asobanura umutagatifu uwo ari we, ati : « Yaremwe ari umuntu nkatwe ariko yabaye mu isi atunganiye Imana, noneho yamara gupfa Imana ikamuhemba kwicarana na Yo mu ijuru. Kuba umutagatifu rero bitangirira hano mu isi kuko ntawe uba umutagatifu ari uko ageze mu ijuru. Na Kizito twakereye guhimbaza yari umwe nka twe, yavutse nk'abandi bana bose, n'ikimenyimenyi yari umwirabura nka twe twese. Bimwe mu byaranze uwo mutagatifu Kizito nuko akimara kumenya ubukristu, yumvise abukunze bihita bimutera kugana inzira y'ubwigishwa. Muri icyo gihe yahoraga agurumanwamo n'ishyaka ryo guhabwa batisimu, kuko yahoraga asanga umupadiri ngo amubatize, ariko padiri akamwangira bitewe n'uko igihe cya ngombwa cyo kwitegura guhabwa batisimu cyari kitaragera. Iyo nyota ya Kizito yo guhabwa batisimu yayimazwe ku munsi yari araye ari bwicwe. Uwo mugoroba, Kizito yaje kubatizwa na Mutagatifu Karoli Lwanga wari umulayiki, maze bucy alya kwicwa ahowe Kristu, ari hamwe n'abandi bagande 22. Yiciwe i Namugongo atwitswe kuwa 26 Gicurasi 1886 ».

Diyakoni yakomeje abwira abana ko mu mibereho ye, Kizito yabonaga ikibi maze akagihungira kure. Iyo akaba ari yo mpamvu Kiliziya yamugize umurinzi w'abana bari munsi y'imyaka 15. Ababyeyi be basaga nkaho bamubereye ikigeragezo, kuko bahoraga bamusaba kureka ibyo bintu yihaye by'ubukristu, ariko we akababera ibamba ngo ko atahemukira ubukristu. Agendeye ku isomo rya mbere ry'uwo munsi, (Umubwiriza 12,1-7), Diyakoni ati : « Igihe cyo gukorera Imana ni iki ngiki. Tuzakorera Imana dukora bimwe muri ibi bikurikira :

- Gukurikiza amategeko yayo, kubaha ababyeyi bacu mu byiza, tujya mu misa,...
- Gusengera iwacu mu rugo
- Gukunda Kilizya n'ubukungu bwayo (amasakramantu, Umubyeyi Bikira Mariya, Bibiriya,...)
- Gutanga urugero rwiza aho turi hose naho tunyura hose.

Diyakoni yasabye abana kubaha ababyeyi babo mu byiza nkuko isomo rya kabiri ryabivugaga (reba Ef 6,1-3), ati : « Nimubikora namwe Nyagasani azababwira ati « nimuze bana banje munsange », nkuko Ivanjili yabitubwiye »(reba Mk10,13-16). Diyakoni yibukije kandi ababyeyi ko nta wundi munani baha abana babo usumba uwo kubayobora ku Imana. Yasoje iyo nyigisho abasaba gusezerera imigambi yose ya Sekibi maze bakayoboka inzira y'ubukristu bafatiye urugero kuri Kizito umurinzi w'abana.

Nyuma y'inyigisho, hakurikiyeho umuhango wo guha abana umugisha, aho buri mwana yanyuraga imbere y'umusaseridoti akamuha umugisha nk'uko Yezu yahobeye abana akabaha umugisha (Mk10,13-16).

2. Amarushanwa n'ibirori

Misa ihumuje, hakurikiyeho amarushanwa atandukanye yashimishiye imbaga nyamwinshi yari iteraniye aho. Amwe muri ayo marushanwa twavuga nko gusiganwa bagendera mu mifuka, gutanguranwa kuzuza amazi icupa bakoresheje umunwa, gusama igi, kurya irindazi rimanitse ku umugozi utarikozeho n'intoki, gusiganwa ku maguru, ubumenyi rusange kuri Bibiliya no kuri Kilizya,...

Iyo mikino itandukanye yakurikiwe n'ibirori byo gukomeza kwizihiza umunsi mukuru aho amatsinda yagiye ahiga ayandi mu bihangano bitandukanye, bagendeye ku nsanganyamatsiko yatanzwe, yasusurukije abari aho.

Mu bafashe amagambo, harimo umwana uhagarariye abandi. Mu ijambo rye, yacishije mu muvugo, yishimiye uwo munsi, ashimira padiri mukuru uburyo yabateguriye umunsi mukuru. Kubera iyo mpamvu, abana b'i Kinunu, impumeko ni imwe, ni ukugenzo nka Kizito mutagatifu.

Mu ijambo rye, padiri J.Damascène HAKIZIMANA, yashimiye abana uburyo bitabiriye uwo munsi. Padiri ati : « Turashimira abitangiye amatsinda y'abana muri iki kiruhuko, turashimira abaseminari bakuru n'abatoya bitangiye amatsinda na patronage, ni abo gushimirwa ». Padiri yakomeje ashimira paruwasi ya Kinunu, ashimira padiri mukuru wemeye ko ibyo birori bibera aho ngaho, maze akabaha iby'ingenzi harimo ibijyanye na liturijiya y'uwo munsi, noneho akabashakira ibyo guhemba abagiye bahiga abandi mu bihangano bitandukanye. Padiri yasoje ijambo rye aha abana ubutumwa bwo kugira umugenzo mwiza

w'ubutwari mu bukristu, bakunda gusenga, bakurikiza inama zose
Diyakoni yabagiriye mu misa, bityo rero bakazakura banogeye Imana
n'abantu. Ibyo byose bazabitozwa mu matsinda y'abana.

Nyuma rero yo gushyikiriza abana ibihembo, padiri mukuru yafashe ijambo, atangira asuhuza abana ari nako abashimira ukuntu bitabiriye ibyo birori ari benshi. Yakomeje ashimira Diyakoni n'abafratiri uko bateguye neza uwo munsi. Mu kuwutegura, babanje gusura amatsinda y'abana aho akorera mu miryangoremezo, banakoresha patronage. Yakomeje ashimira amatsinda y'abana n'abayahagarariye. Padiri mukuru ati : «Ubu rero umunsi w'abana wabaye, ni ngombwa ko dusubirana imuhira umugambi ndakuka wo gukurikiza urugero rwa mutagatifu Kizito mu kwemera ». Padiri yakomeje yibutsa abana intego paruwasi izagenderaho muri uyu mwaka w'iyogezabutumwa 2012-2013 : « *Twe twaremeye, kandi tuzi ko uri Intungane y'Imana* »(Yh 6,69). Iyo nt ego yafashwe kubera ko tugiye kwinjira mu mwaka w'ukwemera uzatangira kuwa 11 Ukwakira 2012 ukazarangira ku wa 24 Ugushyingo 2013. Yakomeje asobanurira abana ko iyo ari 'devise' ya paruwasi ya Kinunu muri uyu mwaka. Akaba ariyo mpamu yasabye akomeje abahagarariye amatsinda y'abana kuzabibacengezamo. Yashoje abasaba ko mutagatifu Kizito yababera urugero rwo guhamya ibirindiro mu kwemera.

Umwanzuro.

Icyagaragaye by'umwihariko rero, ni ibyishimo bybarangaga abana bari bateraniye aho kandi batashye baririmba, bose intero ari imwe bati : «Iyaba umunsi w'abana wajyaga uba buri kwezi muri paruwasi yacu ».

Fratri Félix

MUSHIMIYIMANA,

Seminari nkuru

Philosophicum Kabgayi.

UWITURWA INEZA ABA AGIRA IMANA

Icyaha cyaje mu isi, cyinjira mu bantu, bamwe baracyakira kibagira abagaragu bacyo, kirabigarurira kibahuma amaso y'umutima. Ibi bigaragazwa n'uko umuntu akugirira neza ariko iyo neza wagiriwe ntubashe kuyitura ahubwo ukaba bashimira mu iriro. Amateka y'abantu atwereka ko abantu bagiye barangwa n'umutima utazirikana ineza bagiriwe ngo babe bayitura uwayibagiriye cyangwa ngo bayiture babinyujije ku muvandimwe wundi ubakeneye. Ngo « Abo umwami yahaye amata ni bo bamwimye amatwi ». Kimwe n'uyu mugani wa kinyarwanda, koko inabi ntiyigaragariza gusa mu bantu badafitanye isano y'amaraso, ahubwo no mu bavandimwe ishobora kuhaboneka. Kwitura ineza wagiriwe na byo birashoboka. Kimwe mu byo MUSENYERI Aloys BIGIRUMWAMI yitaga ububwa, harimo guhemukira uwakugiriye neza. Ni byiza rero gutekereza kuri iki kibazo duhereye no ku byanditswe bitagatifu, aho tubona ubuhemu bw'Abayisiraheli mu butayu bo birengagije urukundo rw'Imana yabakuye mu Misiri. Ba Bayahudi bishe Yezu se bo ni yo nyiturano bagombaga kumwitura ? Hari n'izindi ngero nyinshi twabona no muri ubu buzima busanzwe.

Abayisiraheli bari bari ku ngoyi y'ubucakara mu Misiri kwa Farawo. Farawo uyu yarabatotezaga akabongerera imirimo y'uburetwa. Imana ibagirira neza itora Musa kugira ngo ajye gukura umuryango we mu Misiri. Igihe Farawo anangiye umutima yanze kurekura Abayisiraheli, Imana yo ntiyahwemye kubarwanira ishyaka kugera ubwo Farawo abarekuye. Mu rugendo rwabo, Imana yabaciriye icyambu mu nyanja nyirizina maze abanyamisiri bari babakurikiye bararikwa mu ngeri y'nyanja.

Mu rugendo rwabo kandi, igitabo cy'iyimukamisiri kiradutekerereza ukuntu Imana yabaherekeje : Yabahaye amazi (amazi y'i Mara, i Massa, n'i Meriba), yabatungishije Manu n'inkware. Hari n'ibindi byinshi Imana yagiye ibagirira tutabashije kuva imuzi.

Uyu muryango w'Imana wirengagije ibyo byiza byose wagiriwe maze inyiturano yawo iba « Kuki watuvanye mu Misiri ? Ni ukugira ngo utwicishe inyota hamwe n'abana bacu n'amatungo yacu ? » (Iyim.17,5). Aya magambo yabwirwaga Musa, twavuga ko agaragaza bihagije ukutazirikana amateka abayisiraheli bari barabayemo. Kwa Farawo nta

jambo bajyaga kugira, ryaba irisaba uburenganzira bwabo bwo kubaho cyangwa kwigenga. Bidatinze bageretseho guhinyuza Imana bayisuzugura, kugeza ubwo bayisimbuje ishusho y'ikimasa bakayita Imana yabo.

Mu isezerano rishya, turabona Yezu azenguruka Galileya yose, atangaza inkuru nziza y'ingoma, akiza icyitwa indwara cyose (Mt 4,23). Turamubona akiza umubembe (Mc1,40-44), akiza umugaragu w'umutegeka w'abasirikare (Lc 7,1-10) ; akiza impumyi ebyiri (Mt9,27-31) ; agaburira abantu ibihumbi bitanu (Mt 14,13-21) ; akiza abantu benshi iruhande rw'ikiyaga (Mk7,31) ; n'ibindi.

Nyuma y'ibi byiza byose Yezu yakoreye mu maso y'Abayahudi, hakurikiyeho inyiturano yabyo. Ineza bayituye inabi. Dore uko babwira Pilato igihe ababajije niba yamubarekurira : « Si uwo dushaka, ahubwo duhe Barabasi » (Yoh 18,40). Igihe ababwiye ati « Guyu Umwami wanyu », bateye hejuru bati « Kuraho, kuraho, mubambe ku musaraba ! ». Yakoraga ibitangaza bamwita Umwami wabo, none dore batangiye kuvuga ko nta Mwami wundi bagira utari Kayizari.

Hari n'izindi ngero zibabaje cyane duhura nazo muri ubu buzima ku buryo ineza igenda iburizwamo maze inabi ikarushaho kugenda yiganza :

► Iyo urebye uko ababyeyi babungabunga ubuzima bw'abana kuva babatwite, bakababara bababyara, bagahangayika iyo babonye barwaye, bakavunika babashakira ibibatunga, bakabarihira amashuri, bakabambika n'ibindi, watekereza ko nta mwana usuzugura ababyeyi !

Nyamara iyo bamaze gukura barabasuzugura, ntibabumve, kandi n'ijo babavuzeho batera hejuru ngo « Ntimuzongere kumbyara » ! Koko umubyeyi waguhetse, ukamwanduza uri uruhinja akabyihanganira, akwiriye kwiturwa atyo ?

► Hari abasore baba barananiwe kwiybakira inzu maze abakobwa bakabafasha kubaka, nyuma bamara kubana, umusore akishyira hejuru kugeza ubwo ayimusohoramo amubwira ko n'ubundi yamwhambiriyeho, ko atamushakaga, ko nta wundi yajyaga kubona atari we, n'ibindi. Njye ndumva yagombye gucisha make agiriye iyo neza (aha simvuze ko azasuzugurirwa ubusa, ahubwo ndashaka gushimangira ko akwiriye gushyira mu gaciro akirinda ubwikanyize ubwo ari bwo bwose).

► Umugabo agira atya abana n'umugore we imyaka itari mike, dore ko bari bamaze kubyarana abana batatu. Kubera ko umugore yari yaracikije amashuri, umugabo yamugiriye inama yo kuyakomeza, dore ko nyamugabo uyu yari ameze neza ku bijyanye n'umutungo. Umugabo rero yagerageje gukorera uyu mugore we ikintu cyose yabaga amukeneyeho, kugeza ubwo aminuje. Umugore yarangije amashuri mu gihe umugabo we yari yaratangiye gukena. Umugore yigiriye inama yo kutazasubirana n'umugabo w'umukene usigaye anukira abahisi

n'abagenzi. Ubwo se koko murabona iyo ari yo nyiturano kuri urwo rukundo ? Ubu se ntiyari gutekereza ko ubukene bw'umugabo we bushobora kuba bwaraturutse ku kuba atagifite akazi cyangwa se bukaba bwaratewe n'uko yamutanzeho byinshi kugira ngo abashe kurangiza amashuri ye ? Bitari ibyo se ko bari barasezeranye n'imbere y'Imana, iyo agirira iryo sezerano ryo kubana akaramata kugeza gupfa ! Abana b'abantu ni uko duteye !

► Igihe natemberaga nabonye ibintu bibabaje cyane : umushumba bamufashe yonesheje imyaka y'abandi. Mwene se amusabira imbabazi, aramwishingira, yewe anamutangira n'inzoga z'abagabo bari batabajwe muri urwo rubanza. Igihe abagabo bari barimo banya wa izo nzoga, wa wundi wishingiwe afata icupa ririmo ubusa aritikura mwene se hafi y'agatuza. Icyakora ku bw'amahirwe ntiryamwangije cyane kuko yakize bidatinze cyane. Ng'uko uko ab'isi duteye !

► Undi muntu ubabaje cyane ni uwagiriwe inama kubera imyifatire ye idahwitse, nyuma agahindukirana uwamugiraga inama agira ati : « Ese uriya arambwira iki ? Aba yabuze icyo akora kugira ngo aze kunduhukiraho ? » Nyamara tuzi ko agira Imana ubona umugira inama, akagira Imana kandi umuntu uzirikana iyo neza yo kubona umugira inama, cyane cyane ko iyo umuntu atari mu bo ushinzwe, kumubona ari mu ikosa ugatinyuka kumwegera bishobora bake. Abantu benshi bahitamo kureka umuntu akivuruguta mu makosa ye cyane cyane iyo bitababangamiye bo ubwabo kabone n'ubwo haba hari abo byagira ho ingaruka. Ni kimwe n'uko waba ushonje maze umuntu yagufungurira ukavuga ko ntacyo akoze ngo kuko n'ubundi iyo atabiguha yari kubimena ! Yaba ari amafaranga ukavuga ko wayamukijje kubera ko yamusagutse akaba agenda ayanyanyagiza ! Nyir'ukugufasha we akensi aba yigomwe ariko wowe ukabifata nk'aho wari wamuhaye itegeko ryo kukugirira neza. Imana yonyine ni yo iba yamuhaye uwo mutima, yishimire, ushimire n'uwalugiriye neza kuko ari cyo usabwa cyonyine.

Kuzirikana ibyiza tugirirwa n'ubwo byaba biri mu byo twita uburenganzira bwacu, ni ikintu cya ngombwa muri ubu buzima. Abarimu baduhaye uburezi bw'ibenze, abaturihiye cyangwa abaturihira amashuri, ni ngombwa kubazirikana no kubashimira igihe cyose tubishoboye. Baba baratwitangiye, ni ngombwa kubitura iyo neza. Ntitwabura kandi kuvuga ko hari inabi tugirira abatugiriye neza tubitewe n'umurengwe. Ibi bigaragara cyane iyo ubonye umuntu wari warishwe n'uruzerero ashaka akazi (kaba ako mu rugo cyangwa ako mu biro), nyuma yo kukabona agatangira gusuzugura abakoresha be akaba yabiba na bimwe mu byo ashinzwe gucunga. N'ubwo ushize impumu yibagirwa icyamwirukansaga, si byiza guhemukira abatugirira neza.

Kuvuga gusa ko ineza yiturwa inabi byaba ari ugukabya n'ubwo ari byo bikunda kubaho. Mu by'ukuri ineza yagombye kwiturwa indi. Ibyo ari byo byose ariko twavuga ko kuva kera hari abantu bake cyane bagiye bumva agaciro ko kuzirikana ineza abantu bagirira abandi. Aha twavuga nka Abrahamu wagiriwe impuhwe mu za bukuru agahabwa akana, maze mu gushimira iyo neza, akemera gutanga umwana we w'ikinege ho igitambo. Abagore bakurikiye Yezu mu nzira y'umusaraba hamwe ndetse na Yohani, na bo baragaragaza ko bumvise urukundo Yezu yari yarabakunze. Tubona n'izindi ngero nyinshi z'abatagatifu, ba bandi bapfuye bahowe Imana. Aha reka tuvuge gusa nka mutagatifu Polikalupe(Polycarpe) aho avuga ko mu myaka 86 yari amaze akorera Imana nta kibi na kimwe yigeze imugirira, bityo akaba adashobora guhemukira Umwami we wamucunguye.[\[1\]](#) Yanze kumwihakana kubera kuzirikana ineza Imana yamugiriye muri icyo gihe cyose. Uyu mutagatifu kimwe n'abandi benshi, bashoboye kudapfusha ubusa urukundo Imana yabagiriye maze koko iyo neza y'Imana yigaragariza muri bo. Baratwereka ko inshuti itagaragarira gusa mu byishimo ko ahubwo inshuti nyayo igaragarira mu makuba.

UMWANZURO

Kugirirwa neza birashoboka kandi bibaho kenshi rwose. Kuzirikana ineza wagiriwe byo biraguma ! Kwitura ineza wagiriwe nabyo birarushya kandi bikunze no kunanirana. Niba tuzi ko kugirirwa neza biryoha, niba tuzi ko bitera ibyishimo, natwe turassabwa kugirira abandi neza. Niba inabi ugiriwe ikugwa nabi, zirikana ko n'abandi ari uko ! Niba wanga akarengane reka kurenganya abandi ; niba wanga gusonza reka kwicisha abandi inzara ; niba wanga agasuzuguro no kwirata, irinde gusuzugura abandi ; niba wanga gukora nk'umucakara, irinde kubikorera abandi ; niba wanga kunegurwa no guharabikwa, irinde kunegura abandi ;...

Ibi, hamwe n'ibindi nka byo, tubizirikanye mbere y'uko tugira igikorwa icyo ari cyo cyose dukora, byaduha gushobora ibyananiye benshi ! Twashobora kwerekana ko ineza ishobora kwiturwa indi. Ni koko uwiturwa ineza aba agira Imana.

Bikira Mariya Nyina wa Jambo, udusabire.

Fratri René Claude

HAKIZIMANA

IKIGANIRO HAGATI YA PADIRI NSENGIYUMVA VEDASTE NA PADIRI MWITEGERE THEODOSE

Hashize iminsi inyandiko z'ibiganiro nagiranaga na Padiri Théodore Mwitegere bitagaragara mu kanyamakuru k'Umusemburo w'Ubusabane. Byatewe n'uko uwo musaserdoti yahawe ubutumwa kure nkaba ntarabashaga kumugeraho. Ku bw'amahirwe, mbikesha iterambere mu by'itumanaho, nabashije kongera kuvugana na we. Namusabye ko tuganira ambwira ko nta mwanya afite, ariko mu gihe ngitegereje ko awubona, ampa ikiganiro yagiranye na mugenzi we Padiri Védaste Nsengiyumva. Aba bapadiri bombi bariganye imyaka yose yo mu iseminari nkuru, bahawe ubupadiri mu mwaka umwe kandi bose ubu bari mu mahanga mu butumwa bwo kwiga. Padiri Védaste wa Arkidiyosezi ya Kigali yiga i Paris mu Bufaransa, naho Padiri Théodore wa Diyosezi ya Nyundo yiga i Roma mu Butaliyani.

Mu gihe rero Padiri Védaste yakoraga urugendo nyobokamana i Roma yahahuriye na Padiri Théodore nyuma y'imyaka isaga 10 batabonana nuko baraganira. Iki kiganiro nasanze ari cyiza ku buryo nagisangiza abasomyi b'akanyamakuru kacu.

Padiri Védaste (V): Uraho Padi? Ngize amahirwe yo kubonana nawe mu gihe nyuma y'amezi make turaba tumaze imyaka 10 tubaye abapadiri.

Padiri Théodore (T): Nanje biranshimishiye, dore ko atari kenshi muri aya mahanga umuntu ahura n'uwo bareranywe!

V: Muri iyi myaka icumi se tugiye kumara wowe wageze kuki mu bupadiri bwawe?

T: Umva, sinakubeshya ! ku bigaragara, imyaka yanje yariyongereye birumvikana, ku yo nari mfite hiyongereyeho icumi!

V: (Araseka!) Uburemere n'ubugari by'umubiri na byo ndabona byariyongereye kuko nibuka ko wapimaga ibiro bike cyane!

T: Ku bitagaragara rero sinzi icyo navuga. Ibitagaragara ntibifatika, ntibipimwa kuko nta reme n'uburemere bigira. Rimwe na rimwe umupadiri ashobora gusubiza amaso inyuma agashaka ikintu gifatika yakoze akakibura kandi amaze imyaka n'imyaka ari padiri; akaba yagira igishuko cyo kwicira urubanza ko ari imburamumaro!

V: Umvugiye ibantu...

T: Nkimara kuba Padiri, nageze muri paruwasi Mukungu noherejwe gukoramo

ubutumwa, ndareba hirya no hino nsanga umusaserdoti wari ahamaze imyaka irenga mirongo itatu yarakoze ibantu byose: yubatse amashuri, amavuriro, imihanda, n'ibindi. Nuko mu gihe banyakiraga muri paruwasi, mfashe ijambo ndabasetsa, ndababwira nti: “ Ko mbona Padiri mukuru ibantu byose yabikoze, njye nzakora iki?”

V: Hanyuma bagusubiza ngo iki?

T: Uhagarariye abakristu yanshubije agira ati: “Ni byo koko ibigaragara byinshi

byarakozwe, ariko hari ibindi bikorwa bitajya birangira: ni ukubaka ibitagaragara!” Ijambo ry'uwo mukristu ryaramfashije cyane kandi na n'ubu ndacyarigenderaho. Koko umusaserdoti ahamagarirwa mbere na mbere kubaka ibitagaragara, yabona ubushobozi bwo kubaka n'ibigaragara bikaba bibaye mahire.

V: Ibyo bitagaragara se umusaserdoti ahamagarirwa kubaka ni ibihe?

T: Mbivuze mu magambo make navuga ko ari bitatu: ubumuntu, ubunyarwanda, ubukristu.

V: Isobanure!

T: Gufasha umuntu mbere na mbere kumva ko ari umuntu ni ikintu cy'ibanze. Umuntu ni umuntu, si Imana kandi si ikintu! Hariabantu bigira utumana kandi ari abantu nyine; hari n'abandi bumva batakiri abantu basa n'ababaye ibantu. Umusaserdoti ahamagarirwa gufasha abigira utumana kumanuka, n'abumva barabaye ibantu kuzamuka twese tugahurira ku bumuntu bwacu kandi tukaryoherwa na bwo. Ubumuntu buraryoha!

V: Niba nkumva neza, ndumva ushaka kuvuga ko umupadiri arwanya ibantu bibiri bimunga ubumuntu: *Ikuzo* (kuri abo bigira utumana nyine), no *kwiheba* (kuri abo bumva batakiri abantu).

T: Wabyumvise neza rwose. Izo nizo ndwara ebyiri z'ibyorezo zica ubumuntu, mu bihe byose n'ahantu hose, kandi burya iyo ubumuntu

bwapfuye, n'ubukristu ntibubona aho bushinga imizi, kuko ubumuntu ni nk'ubutaka, ubukristu bukaba imbuto ibibwa muri ubwo butaka.

V: Ariko Padi, ibyo bintu ko numva bikomeye, umusaserdoti yabishobora ate? Izo ndwara se yazivugutira uwuhe muti? Zaba se zigira urukingo? Mbese umupadiri kwibwira ko yavura izo ndwara si ukwirarira koko? Cyangwa nave uri gupfa kuvuga gusa kugira ngo tubone icyo tuba tuvuga kuko tutari duherukanye!

T: Izo ndwara kuzivura birashoboka! Umuti ni umwe: ni ukwerekwa abantu Muntu Nyirizina, Yezu Kristu Umwana w'lmana. Mu kumurangamira, abari mu kirere (abikuza) baramanuka, n'abari mu kuzimu (abihebye) bakazamuka, nuko bakitoza kwishushanya na Yezu ubwe, we waje kutwigisha kuba umuntu nyabyo icyo ari cyo.

V: Urashaka kuvuga ko abapadiri turi ba Yohani Batisita se?

T: Ubivuze neza kundusha, kora aha! (amuhereza ikiganza). Iryo ni ryo zina rikwiriye umupadiri. Ahora ari Yohani Batisita, kuko iteka ahora yerekwa abantu Ntama w'lmana ukiza ibyaha by'abantu. Urabyumva nave icyo bisaba rero...

V: Bisaba ko umupadiri mbere na mbere nave aba arangamira uwo yerekwa abandi.

T: Nta we ushabora kurangira abandi inzira atazi! Icyo werekana uba ukireba, n'iyo byaba atari neza cyane nta kibazo; ntiwakwereka umwana muto ukwezi kandi nta ko ureba. Urugamba rw'umusaserdoti ni aho ruhera: gushakashaka uruhanga rw'lmana, hanyuma akajya kurangira abo yaragijwe inzira banyuramo kugira ngo nabo babone urwo ruhanga rw'lmana.

V: Ibyo ni ibantu birumvikana neza: kurangamira Yezu umuntu rwose bituma abantu bigiramo ubumuntu bw'ukuri, no kurangamira Yezu Imana rwose bigatuma bigiramo ubukristu. Ariko hari ikindi wavuze ntumvise neza aho giherereye muri iyo nzira, kandi wakivuze muri bya bintu bitatu umupadiri ahamagarirwa kubaka: ni ubunyarwanda. Ibyo se nabyo biri mu nshingano z'umupadiri koko?

T: Umva rero Padiri, naritegereje nsanga hagati y'ubumuntu n'ubukristu, harimo ubunyarwanda. Umupadiri-munyarwanda (umunyarwanda cyangwa umunyamahanga ufite ubutumwa mu Rwanda) ntashobora kubica hirya. Byaba ari ugutana! Ubunyarwanda mvuga ni imyifatire ituranga dusangiye nk'abanyarwanda. Harimo imigenzo myiza twarazwe n'uruhererekane rw'abatubanjirije: ubwuzu, urugwiyo, ubugwaneza, kwitsinda, kuzibukira ikinyoma, kubaha, kwiyubaha, gufashanya, gutabarana, kwigengesera, guhanana, n'ibindi. Iyo migenzo myiza yose burya ni yo yari "ivanjili" yacu mbere y'uko Ivanjili ya Yezu Kristu itugeraho! Kubahiriza iyo migenzo, kuyishyigikira no kuyiteza imbere ni uburyo bwo kubakira umusinge Ivanjili ya Yezu Kristu. Ushobora

kumbwira uti: “ Ariko iyo migenzo si y’abanyarwanda gusa n’ahandi irahaba!”

V: Ahubwo ni cyo nari ngiye kuvuga!

T: Ni byo, n’ahandi irahaba, ariko twebwe abanyarwanda dufite uburyo bwacu bwhariye bwo kuyubahiriza no kuyibamo, ni cyo kiduha nyine iryo zina ry’ubunyarwanda, bikaduha *kamere* yacu yihariye. Ubukristu buza ari ingabire *ndengakamere* kuko iva ku Mana, bukabibwa muri *kamere-muntu-munyarwanda*. Mu yindi mico nabo bagomba kugenza batyo bakurikije imico yabo.

V: Mbwira mu magambo make ibyo tumaze kuvuga.

T: Reka mbivuge nifashishiye umuco wacu kuko ari wo turimo kuvugaho: iwanyu mu Bugesera ibintu bya ngombwa kugira ngo umuntu yenge (hari abavuga gushigisha) amarwa aryoshye ni bingahe?

V: Ni bitatu.

T: Bivuge!

V: Ifu, amazi n’umusemburo.

T: Ushubije neza. Ifu nziza, amazi meza n’umusemburo ukwiye bibyara amarwa meza nta kabuza. Ariko se birahagije?

V: Oya.

T: Habuze iki?

V: Uwenga (ushigisha). Ubuhangwa, ubushishozi n’ubunararibonye bye ni byo shingiro rya byose. Ndumva ifu ishushanya ubumuntu, amazi agashushanya ubunyarwanda naho ubukristu bugashushanywa n’umusemburo. Umupadiri we ashushanywa n’uwenga (ushigisha). Icyo kigereranyo umpaye ni cyiza cyane, kimfashije kongera kumva neza ko umupadiri ari impano itangaje kuri we no ku bo yaragijwe: kubereka Uwo yabonye, Yezu Muntu nyirizina ni byo bibagaruramo ubumuntu nyabwo, bikabaha kuba abanyarwanda buzuye, maze ubukristu bwabo bukabona aho bushinga imizi.

Biracyaza...

Yakobo

UWEMEYE

**IJAMBO PRESIDENT WA COMITIUM YA NYUNDO YAGEJEJE
KU BAKRISTU KU MUNSI MUKURU WA YUBILE Y'IMYAKA 90
LEJIYO YA MARIYA IMAZE IVUTSE .**

Nyiricyubahiro Musenyeri wa Diyosezi ya Nyundo
Nyakubahwa Aumonier mu rwego rw'Igihugu
Nyakubahwa Aumonier wa Diyosezi ya Nyundo
Banyakubahwa ntumwa za Senatus Legionis
Nyakubahwa Padiri Mukuru wa Paroisse ya Nyundo
Banyakubahwa ba Aumonier Comitium ikoreramo
Banyakubahwa Bihaye Imana
Namwe bashyitsi bandi baje kwifatanya natwe,
Hano tubahaye ikaze muri uyu munsi mukuru wa Yubile ya Lejiyo ya
Mariya.

Nyiricyubahiro Musenyeri Umushumba wa Diyosezi ya Nyundo,
uyu munsi Comitium ya Nyundo yishimiye kubagezaho uko Lejiyo ya
Mariya yatangiye. Lejiyo ya Mariya yatangiriye muri Dublin mu gihugu
cyo Irlande itangijwe n'umugabo witwa Frank Duff ; hari mu mwaka
w'1921. Dufatanye gushimira Imana ku myaka 90 Lejiyo Mariya imaze

ishinzwe kandi tunasabira uwashinze umuryango wa Lejiyo Mariya ariwe Frank Duff ngo ashirwe mu rwego rw'abatagatifu, Kilizya yemera, kugira ngo izina ry'Imana rihabwe ikuzo. Mu kugaragaza ibitangaza, byemeza ikuzo yamuhaye iruhande rwayo. Iyo_ntwari imurikiwe na Roho Mutagatifu, yashinze umuryango wa Lejiyo Mariya tariki 07 Nzeri 1921 ari kumwe n'abakobwa cumi na batanu(15) b'imyaka 18 na 25 na Padiri Michael Toler Creedon wari umuyobozi wa Roho i Dublin muri Ilrande y'amajyaruguru, turanasabira uwazanye Lejiyo Mariya ku mugabane w'Afurika ariwe Edel Quinn, yavuye muri Ilrande kuwa 24/10/1936, anyuze mu bwongereza ahinguka i Mombasa, yatangije umuryango wa Lejiyo i Nairobi muri Kenya ku ya 24 Ugushyingo 1936 ashinga umuryango wa Lejiyo Mariya muri Kenya, Zanzibar, Uganda, Tanganyika, Malawi no mu kirwa cya Morise. Iyo ntwari mu butumwa yaguye i Nairobi muri Kenya ku wa gatanu tariki 12/05/1944 avuye mu butumwa Kisumu. Yashiyizwe mu rwego rw'abakwiye kubahwa ku wa 31/12/1994 na Papa Yohani Pawulo II.

Lejiyo ya Mariya yageze mu Rwanda itangirira muri Vicariat ya Kabgayi kuri Pentekosite kuwa 24/05/1953 nibwo Musenyeri Laurent Deprimoz yashishikarije Abapadiri gushinga Lejiyo Mariya muri za misyonি zabo, nibwo Perezidium ya mbere yavutse.

Hano ku Nyundo naho yahageze ku itariki 15 Kanama 1953, ihagejejwe na Nyiricyubahiro Myr Aloys BIGIRUMWAMI, Perezidium yabaye iya mbere ni Bikiramariya Mubyeyi utagira inenge, yatangijwe n'uwhaye Imana witwa Mama Ernest wo mu muryango w'Ababikira b'Abamisiyoneri b'Umwamikazi w'Afurika(Ababikira Bera). Yari igizwe n'abagore bahakoraga. Umuyobozi wa roho wa mbere muri iyi paruwasi yari Padiri Déogratias MBANDIWIMFURA. Ntibyatinze iyo Perezidium ikwira mu masantarare yose ya Nyundo, ari nako yinjirwagamo n'abagabo, abagore, n'urubyiruko none kugeza ubu imaze gukwira mu ma paruwasi yose agize Diyosezi ya Nyundo. Kugeza ubu Nyundo ikaba ibara ama Comitia 4 arizo Kibuye, Nyange, Muramba na Nyundo. Comitium ya Nyundo ifite amaperezidia 27, i Nyarurembo amacuriya 33 bose hamwe ni 8500, abafasha 750. Mu bigo by'amashuri hafi ya byose tuhafitemo za perezidia.

Nyundo rero ikaba ariyo yijihije uyu munsi mukuru turimo, Yubile y'imyaka 90 Lejiyo ya Mariya igeze ku isi yijihije ku rwego rw'Ighugu i Kigali muri paruwasi Sainte Famille muri uyu mwaka 2012.

INTEGO YA LEJIYO YA MARIYA

Icyu mbere na mbere ni ukwiyemeza kuba ingabo za Mariya no kurushaho kwitagatifuza no gutagatifuza abandi, kurushaho gukunda Yesu Kirisitu tukabikora twisunze Umubyeyi Bikira Mariya, kuko ariwe mugaba wazo.

Lejiyo ya Mariya idusaba kwitagatifuza mu isengesho no mu bikorwa, umurejiyo mwiza n'uwasezeraniye Mariya kumubera umwana kandi agakurikiza amategeko y'umuryango uko ari ane kandi akagira ishyaka ryo kwibumbira mu isengesho, kandi ntasibe mu nama za buri cyumweru za Perezidium kuko ariho umurejiyo avoma ingufu za gahunda agenderaho.

Inama za buri cyumweru ni nk'indorerwamo yireberamo akamenya uko ahagaze, niho yishima cyangwa se akigaya ntawe umubajije akaba ariyo mpamvu urwego rwa Perezidium ruhatse izindi zose, niyo ntango ikomeye ifasha Lejiyo ya Mariya gushinga imizi ; Lejiyo ya Mariya yakira abakirisu bo mu ngeri zose, abagabo, abagore, inkumi, abasore ndetse n'abana bato, abize n'abatarize, abakire n'abakene, bose Lejiyo ya Mariya irabakeneye.

Umulejiyo nyawe arangwa no kwiyorosha, kwicisha bugufi, kumvira bikagaragazwa n'urukundo akunda Imana na bagenzi be.

IBIKORWA BY'ABANYAMURYANGO

1. Gushaka abigishwa, kugandura abaguye
2. Gusura abarwayi mu ngo no mu bitaro, gusura abagize ibyago
3. Kwigisha abana amasengesho n'ishapure, kugira inama abashakanye bameranye nabi mu
ngo zabo.
4. Gushyigikira imiryangoremezo
5. Gusabira roho zo muri purugatori n'abarejiyo bitabye Imana
6. Kunga abashyamiranye
7. Guhesha abarwayi amasakaramentu
8. Kwigisha abarwayi b'ibimuga mu ngo zabo

INGORANE Z'UMURYANGO

1. Umuryango wa Lejiyo ya Mariya ubura abazi gusoma no kwandika
2. Umuryango wa Lejiyo ya Mariya wiganjemo abageze mu zabukuru
3. Umuryango wa Lejiyo ya Mariya wugarijwe n'amadini menshi
n'abalejiyo batanga urugero rubi mu bandi n'izindi ngorane tutarondoye.

Ingamba twafashe nugushaka abalejiyo mu bajijutse twifashishije
bake dufite, duhereye ku bana bacu.

Ntitwarangiza tutabanje gushimira umujyanama wacu, Umuhire Christine MUKAMIHIGO uduhora hafi mu nama za Comitium.

Turashimira na none abavandimwe batangiranye na Lejiyo ya Mariya,
Imana ikomeze ibahe imbaraga.

Turashimira na none by'umwihariko ba Aumôniers badufasha
kwitagatifuza bityo tugashobora kurangiza ubutumwa bwacu.

Turashimira Aumônier wa Diyosezi Padiri Léonidas
NGOMANZIZA utugira inama akanaduserukira mu nama za ba
Aumônier muri Senatus Kigali.

Turashimira Aumônier wa paruwasi Padiri Mukuru Gaspard KANZIRA udufasha gushyikirana na Kuriya ikorera muri prisons ya Nyakiliba.

Ntitwarangiza tutabashimiye Nyiricyubahiro Musenyeri wa Diyosezi ya Nyundo, uburyo mwitanze mukaza kwifatanya natwe muri uyu munsi mukuru, tukaba tubasaba kuzadusanurira inzu Comitium ikoreramo kuko isakajwe n'isakaro Leta itemera.

Tubaye tubashimiye, mukomeze mudusabire. Tubaragije Bikira Mariya Umubyeyi w'Abakene.

Yubile nziza kuri mwese!

Comitium Mubikira

utavuguruzwa ya Nyundo

Président wa Comitium ya

Nyundo

NDENGABAVUMA Gaspard

**IJAMBO RY'INTUMWA YA SENATUS MU MUNSI MUKURU WO
GUHIMBAZA IMYAKA 90 LEGIO MARIAE IMAZE IVUTSE,
NYUNDO LE 13/10/2012.**

Nyiricyubahiro Musenyeri, Umushumba wa Diyosezi ya Nyundo Nyakubahwa Padiri Aumônier wa Legio Mariae muri iyi Diyosezi; Banyakubahwa bayobozi ba roho ba Legio mu ma Comitia n'amaparuwasi

Banyakubahwa Basaserdoti namwe Bihayimana, Bafasha, balejiyo bavandimwe.

YEZU KRISTU AKUZWE.

Mu izina rya Senatus Kigali/Bikira Mariya utabara abakristu, jye n'umuvandimwe twazanye tubonye umwanya wo gushima tubikuye ku mutima abashumba bacu n'abayobozi ba roho baduhora hafi. Inama nziza n'izindi nkunga zinyuranye duterwa na Kilizya dukoreramo kandi dukorera, ziratwubaka tukumva ko turi mu muryango mugari, ko kandi imbaraga nke zacu zishobora kugira icyo zimarira uwo muryango. Turashima cyane abalejiyo ba Comitium ya Nyundo mwateguye uyu munsi wa Yubile. Ubwawo ni ubutumwa bukomeye. Ni amahirwe akomeye cyane kuri twe turi hano, twabyikurikiraniye ubwacu, si ya nkuru mbarirano.

Nyuma y'uko Legio Mariae ishinzwe i Kabgayi, ntiyatize kugera ku Nyundo. Muri raporo yakozwe n'Intumwa ya Concilium Legionis (Urwego ruyobora Legio Mariae ku isi yose) Mlle Anne Marie O'Connor

mu w'i 1955, avuga ko muri Vikariyati ya Nyundo aho yasanze Curia ari ku Nyundo no ku Muhororo. Ibyo yabibwiraga Padiri Arthur Dejemeppé mu rwandiko yamwoherereje ku itariki ya 12/5/1955. Iyo ntumwa ya Concilium yivugiraga ko yasanze Myr Aloys Bigirumwami n'Igisonga cye Padiri Ludoviko Gasore bashyigikiye cyane Legio Mariae.

Turizihiza iyi Yubile muri Comitium ya Nyundo kubera amateka meza Nyundo yagize kandi na n'ubu. Bakuru bacu baritanze bakora ubutumwa irakura igera uko tuyireba uku igizwe n'abalejiyo bakora ndetse n'abafasha babaherekeresa isengesho ritaretsa.

Ariko rero Ntakaburimvano ni umwana w'umunyarwanda. Sinshidikanya ko abashinze n'abakwirakwije Legio Mariae muri Nyundo bumvaga neza amavu n'amavuko yayo, bakumva intego yayo n'uburyo bwo kuyigeraho. Reka tubwire abato, abatari abalejiyo ndetse natwe twiyibutse amateka ya Legio Marie. Legio Mariae yashinzwe na Frank Duff i Dublin, muri Irlande mu Burayi, tariki ya 7/9/1921.

Icyihutirwaga icyo gihe ndetse n'ubu ni iki :

- Guhindura imitima myinshi bakayerekeza kuri Yezu Kristu no kwirinda gutwarwa n'imrimo y'iyi si.
- Guha icyubahiro Mariya by'ukuri bivuga gukorana nawe umurimo w'ububyeyi bwa roho, bisobanuye kumufasha mu murimo we wo gushyikiriza Yezu isi.

Ibyo biragaragaza isura ya Legio ya Mariya kuva ikivuka, gukora ubutumwa dufatanije n'Umubyeyi Bikira Mariya, gusanga abavandimwe bacu tubashyiriye inkuru nziza y'umukiro.

Imbaga y'Imana irashonje.

Mbere yo gushinga Legio ya Mariya, Frank Duff yabanje kuba mu muryango wa Mt Visenti wa Pawulo uzwaho gufasha abatishoboye. Ari muri uwo muryango, Frank Duff yababajwe cyane no kubona imbaga y'abantu yabaga muri ubwo bukene atari yarigeze amenya na rimwe. Ibi ni byiza kubimenya kuko nyuma Frank Duff yaje kubona ko abantu bafite ubundi bukene bukaze, ubukene bwa roho ndetse ari nabyo intego ya Legio ya Mariya ishingiyeho, *kwitagatifusa no gufasha abandi kwitagatifusa, ari byo kuvura ubukene bwa roho.*

Muri Irlande hari ubuhakanyi bukomeye. Abategeraga abantu ku bukene bakabategurira ifunguro ry'ubuntu ku cyumweru ku muntu wese wemeye kureka Misa akajya kumva inyigisho z'abaporoso. Ngo amashyirahamwe arenze 20 yiyeje icyo gikorwa cyo gutesha abagatolika ukwemera kwabo.

Ibyo byababaje cyane Frank DUFF afata icyemezo cyo kubirwanya mu mahoro. Ngo yumvaga Misa ya kare, akajya kubategereza avuga ishapule, baza akabaganiriza, bagenda agasigara yoza amasahane baririye abandi aganiriza. Bose yabumvishaga ko ifunguro

ry'umunsi 1 ridakwiye kubatesha ukwemera kwabo. Yirirwaga atyo we ntarye.

Bensi baramusekeraga ariko harimo ibintu bikomeye bigize umulejiyo n'ibigize ubutumwa bwe:

- Frank DUFF umukozi wa Leta ukomeye, koza amasahane ataririye, gusekwa agatotezwa bugufi kwicwa, kwirirwa atariye atabuze ibyo arya, kwicisha bugufi no kwigomwa no kwitanga.

- Guhangayikishwa na roho z'abandi.

Frank Duff yari afite imyumvire ishimishije. Kuri we, ijambo "Legio ya Mariya", ryasobanuraga *kwemera kwitanga ako kanya* (spontanement et immédiatement) nk'igihe umusirikare ahamagawe, kabone n'iyo yaba yarakomeretse cyangwa yenda gupfa; ng'uwo umulejiyo.

Frank DUFF kandi yakundaga kuvuga : "Ati hari ibintu 3 muri buri gikorwa cy'ubukristu gikwiye iryo zina kandi cyiyubashye: *isengesho, umurimo n'ububabare*.

N'ubwo Legio Mariae mu kuvuka wabonaga bigaragara ko Imana yayihaye umugisha, Frank DUFF yahuye n'ibibazo bikomeye cyane cyane ndetse ku ruhande rw'abihayimana n'abapadiri. Legio Mariae igitangira babonaga abalayiki bajya mu butumwa bakabinegura, batu abantu bashaka gukora imirimo y'abapadiri n'Abihayimana bizabageza kuki ? Frank DUFF siko yabibonaga, na *Papa n'Abepiskopi bo nibyo bifuzaga*.

Byatumye Frank DUFF ajya i Roma gushakira inkunga kwa Papa wariho icyo gihe Nyirubutungane Pio XI muri 1931. Yamusobanuriye Legio Mariae, iyobokamana ryayo, amatwara, maze Papa amaze kumwumva aha Legio Mariae umugisha wihariye.

Muri 1965, Frank Duff yatumiwe gukurikirana imirimo y'Inama Nkuru ya Vatican II mu rwego rw'abalayiki.

Muri 1979, Frank DUFF yatumiwe na Papa Yohani Paul II wifuzaga kumumenya, Frank Duff yajyanye na Prdt, VP n'umwanditsi ba Concilium. Bari i Vatican, bajyanye mu nzu Papa yohererezamo ubutumwa ku isi yose, uwabakiriye yasabye Frank DUFF kwicara ku ntebe ya Papa akagira icyo abwira abalejiyo b'isi yose Frank Duff yicaye bwangu avuga ijambo rimwe gusa "convert", *nimushishikarize abantu guhinduka*, ng'ubwo ubutumwa duhabwa n'uyu munsi.

Frank Duff wari waravutse tariki ya 7/6/1889 kuri Penekositi, yitabye Imana, tariki ya 7/11/1980 amaze imyaka 91.

Mu bintu bikomeye byaranze Frank DUFF;

Yakundaga Misa akayumva buri munsi kandi agakunda kuvuga Rozari. Frank Duff yagiraga amasaha 4 buri munsi yo gusenga, ikiruhuko cya saa sita yakimaraga asenga.

Frank Duff yari afite inyota y'ubutagatifu. Afite imyaka 27 yanditse agatabo ke ka mbere, "Kuki njye ntaba umutagatifu" ("Un saint, moi?

Pourquoi pas?“). Aha Frank DUFF yagaragaje ukwemera gukomeye.

Yumvaga ko abantu twese twahamagariwe kuba abatagatifu, ko ukwemera kwacu kudushoboza kubigeraho.

Ibi byose dukwiye kubimanya tukabitoza abacu kuko twumva ko bifite agaciro. Ni byiza kujya kenshi twicara tugatekereza Legio ya Mariya, tugatekereza abayitangiye bikaduha imbaraga yo gukomereza aho bagejeje no gutegura ejo hazaza h’umuryango.

Uyu munsi mukuru ukomeye kuri twe no kuri Legio yose ukwiye kudusigira inyigisho.

Muri 2011, Legio Mariae yizihizaga imyaka 90 imaze ishinzwe, muribuka twe twayihimbaje tariki ya 20/5/2012, abavandimwe bayoboye Comitium barabahagarariye. Concilium yaduhaye insanganyamatsiko igira iti: “Ingabire ya Frank Duff na Legio ya Mariya“. Imana yamuhaye amahirwe yo gucengera no gusobanukirwa amabanga ya Kiliziya no kumenya umwanya Bikira Mariya afite mu mugambi w’Imana, maze mu cyifuzo cye gikomeye cyo gusangiza abandi ukwemera kwe, no kwiyegurira Umubyeyi Bikira Mariya, ashinga Legio ya Mariya.

Mu guhimbaza iyi Yubile hano ku Nyundo, turashimira Imana kubera ingabire yahaye Frank DUFF. Turashimira Imana ku byo iyo ngabire ye yasigiye Legio ya Mariya. Turayishimira kubera abayobotse uwo muryango hano ku Nyundo. Turashima ubutwari bagize bwo kogezza ubutumwa ku bantu b’ingeri zose babigirira Umubyeyi Bikira Mariya. Nyuma yo kuyishimira, munyemerere tugire ibyo twiyemeza kugira ngo twubahishe Umubyeyi Bikira Mariya by’ukuri kandi duteza Comitium ya Nyundo indi ntambwe.

- Twirinde gutwarwa n’imirimo y’iyi si kuko iduhuza tukibagirwa impamvu nyayo turi kuri iyi si,
 - Dushishikarize abantu guhinduka nk’uko Frank DUFF yabidusabye igihe bamusabye kwicara ku ntebe ya Papa agaha abalejiyo b’isi yose ubutumwa.
 - Twirinde kuba abalejiyo ku izina batazatugereranya na bwa buro bwinshi butagira umusururu,
 - Dushishikarire gusenga kugira ngo ubutumwa bwacu bugire icyerekezo.
 - Mu bibazo byose, twiyambaze Kiliziya kuko nta mulejiyo ukorera hanze ya Kiliziya cyangwa se ngo ayihishemo, Nitugerageza gukora ibyo, tuzaba duhesheje by’ukuri icyubahiro Umubyeyi Bikira Mariya.
- Dukomeze kugira Yubile nziza.

Veneranda MUKAKIMENYI
Umwanditsi wungirije wa Senatus.

**IHURIRO RY'URUBYIRUKO RWA UGA-JAC (Urubyiruko Gatorika
rw'Abahinzi, abahungu n'abakobwa) RYABEREYE MURI
PARUWASI YA BIRUYI KUVA TARIKI YA 29/6/2012 KUGEZA TARIKI
YA 1/7/2012.**

Imirimo yo gutangira ihugurwa yayobowe na Padiri Valens Abayisenga Omoniye wa UGA muri Diyosezi akaba na Padiri mukuru wa Paruwasi Muhato ya Diyosezi ya Nyundo afatanyije na Nsengiyumva Eleuthère wayoboye umuryango wa UGA, ubu akaba akora muri Biro ya Diyosezi ishinzwe lyogezabutumwa, iyi Biro akaba ari nayo ishinzwe guhuza Imiryango y'Agisiyo Gatolika n'amakoraniro y'abasenga.

Padiri Omoniye yabanje gushimira urubyiruko kuba bitabiriye inama ari bensi kuko bose hamwe abahungu n'abakobwa bari 65, baturutse muri Paruwasi Nyundo, Kinunu, Biruyi ari nayo yabakiriye. Padiri yabagejejeho intego y'inama, avuga ko igamije gusuzuma uburyo twavugurura umuryango tukawuhuza n'igihe tugezemo, hagashakwa uko inzego z'umuryango zavugururwa. Yabibukije ko ihuriro bajemo ari umwanya wo gusabana no kungurana ibitekerezo mu byatuma umuryango wa UGA wongera kugarura isura yawo.

Eleuthère yagarutse ku ntego ya UGA :

-Umuryango wa UGA utoza urubyiruko umubano mwiza, kwifatanya no gukunda imirimo y'amaboko nk'ubuhinzi, ubworozi, imyuga n'ubundi bukorikori bushobora gufasha urubyiruko kwibeshaho.

-Umuryango ufile inshingano ebyiri: uburezi, ibikorwa bigamije gufasha urubyiruko mu mibereho yarwo ya Roho n'umubiri.

-Kwihatira kurera urubyiruko mu bukristu, mu migenzo myiza y'imbonezabupfura, umubano n'abandi, mu bukungu, mu bujijuke no kunogera amategeko y'ighugu. Ibi byose bigakorwa kugira ngo urubyiruko ruhinduke ruhuze n'icyo Kristu arwifuzaho bakurikije amategeko y'Agisiyo Gatolika.

Yagarutse ku mibereho y'umuryango wa UGA, avuga ko Jenoside yo mu 1994 n'intambara y'abacengezi yo mu 1997-1998 byashegeshe Umuryango n'inzego zaho. Abayobozi bamwe barapfuye, ibiro bya UGA birasenyuka, umutungo n'ibikoresho by'umuryango birasahurwa haba mu rwego rwa Diyosezi no muri za Paruwasi.

Kugeza mu 1994, umuryango wa JAC wari muri Diyosezi eshanu arizo: Ruhengeri, Byumba, Kibungo, Cyangugu na Nyundo ari naho hari intebé nkuru y'umuryango.

Ibiro bikuru by'umuryango ku isi biri mu Bubirigi (MIJARC).

Mouvement international de la Jeunesse Agricole et Rurale Catholique.

Rue J Coosemans 53.1030

Bruxelles.

E-mail : wold @mijarc.net.

Ku munsi wa kabiri, Padiri Valens Abayisenga yagarutse ku cyifuzo cya Musenyeri Aloyizi Bigirumwami watangije umuryango wa UGA muri Diyosezi ya Nyundo. Yifuje ko urubyiruko rutuye mu cyaro rutashoboye gukomeza amashuri yisumbuye rwagira umuryango uhuza urubyiruko abahungu n'abakobwa kugira ngo bajye bahurira hamwe basuzumire hamwe ibibazo bahura nabyo no kubishakira umuti bamurikiwe n'Ivanjiri.

Nyuma y'ibiganiro, urubyiruko rwakomeje kungurana ibitekerezo rurebera hamwe uko umuryango wifashe muri paruwasi.

Muri rusange amaparuwasi yari muri iyi nama yahuriye kuri ibi bikurikira:

-abanyamuryango benshi ntibasobanukiwe n'umuryango. Bamwe batangiye kwishyira hamwe mu bikorwa by'ubuhinzi, ubworozi bw'amatungo magufi, kwitabira imirimo basukura Kilizya no kwigisha abatazi gusoma no kwandika.

-Basanze ingorane bahura nazo ari ukubura ba Omoniye bazi umuryango kuko abenshi bazi umuryango wa JOC. Ikindi ni ukutagira ubuyobozi bw'Umuryango mu rwego rwa Diyosezi, kubura ibikoresho by'umuryango no kutagira ababatera inkunga.

Hakurikiyeho gukorera mu matsinda basuzuma ibibazo bikurikira:

1.Umuryango wa UGA(JAC) twawuhuza dute n'igihe tugezemo?

Icyerekezo cyawo

cyaba ikihe?

2.Muri iki gihe ibibazo urubyiruko ruhura nabyo ni ibihe?

3.Muri iki gihe ushaka urubyiruko yarusanga he?

4.Kugira ngo Umuryango wa UGA ukomeze kuba uw'urubyiruko abashyingirwa

twabafasha dute?

Ibyavuye mu matsinda :

1.Umuryango ugomba kuvugururwa, abanyamuryango bagashaka icyabateza

imbere bakamenya ko turi mu gihe isi yihuta mu iterambere, tugahindura imikorere tuvugurura ubuhinzi, tugakora n'indi mirimo ibyara inyungu (ubworozi, ububaji, ubudozi, gufuma no kwiga gusoma no kwandika). Kubera ko umuryango wacu ari uwa Kiliziya gatolika, gufasha Kiliziya mu bikorwa by'iterambere byayifasha kwibeshaho, kwitabira imiryangoremezo yo shingiro rya Kiliziya.

2. *Ibibazo urubyiruko rwo mu cyaro ruhura nabyo:*

Ubushomeri, kwishora mu ngeso mbi, inda z'indaro, ibiyobyabwenge, ubukene buterwa no kubura imirimo, ubunebwe, indwara z'ibyorezo, ubujiji, amasambu make...

3. *Aho wasanga urubyiruko:*

utubyiniro(ahari umuziki), utubari, aho berekanira film, mu makwe no mu birori, mu dusanteri tw'ubucuruzi, mu madini y'ibyaduka no mu mishinga ikorera mu cyaro (icyayi, uburobyi,...).

4. *Icyo twakorera abashyingiwe bari mu muryango wa UGA*

Kubafasha kujya mu muryango wa AGI kandi ushyingiwe agaherekezwa neza.

Iyi ngingo yagiweho impaka ndende kuko wasangaga abashyingiwe badashaka kuva muri UGA ngo bajye muri AGI, niyo mpamvu twagarutse ku cyifuzo cya Musenyeri Aloyizi Bigirumwami wifuzaga ko abamaze gushyingirwa bagira undi muryango wakomeza kubafasha mu ngo zabo ari nayo mpamvu yashinze umuryango wa AGI (Agisiyo Gatolika y'Ingo).

Padiri Omoniye Valens Abayisenga nawe yagarutse kuri iyi ngingo yumvisha abashyingiwe ko umuryango ari uw'urubyiruko, ko ugomba kuyoborwa n'urubyiruko, umusore n'umukobwa. Yabashimiye ubwitange bagaragaje bakomeza kubumbatira umuryango n'ibyo dukora ubu akaba aribo tubikesha.

Yabasabye inkunga yo kudufasha gutangiza umuryango muri za Paruwasi wahozemo no gushyiraho inzego z'umuryango. Yabumvishije ko umuryango ubafata nk'abajyanama bawo.

Ku cyumweru tariki ya 1 Nyakanga 2012 urubyiruko rwa UGA rwari mu ihuriro, rwifatanyije n'abakristu mu gitambo cya Misa cyayobowe na Padiri Valens Abayisenga afatanyije na Padiri Prosper Ntiyamira , Padiri mukuru wa Paruwasi Biruyi. Igitambo cya Misa gihumuje, urubyiruko rwasubkiye aho rwakoreye ihugurwa bakomeza kuganira ku birebana n'umuryango. Bari batumiye abahagarariye imiryango y'Agisiyo Gatolika iri muri Paruwasi ya Biruyi. Nyuma y'umushyikirano n'indi miryango urubyiruko rwateguriye hamwe aho bazongera guhurira mu mwaka wa 2013. Bemeje ko bazahurira muri Paruwasi ya Muhato ho mu Karere ka Rubavu.

Padiri Omoniye yabemereye ko agiye gutegura inama izamuza na bamwe mu bayobozi bo muri Paruwasi umuryango urimo, iyo nama ikazaba mbere y'uko uyu mwaka urangira, ikazibanda k'ugushakira hamwe uko umuryango wabyutswa mu ma paruwasi wahozemo muri Diyosezi ya Nyundo ari naho umuryango wa UGA watangiriye akaba ari naho hahoze intebé nkuru y'umuryango.

Ikindi padiri Omoniye yabemereye ni ugutubura agatabo k'umuryango kakoherezwa muri Paruwasi umuryango urimo.

Urubyiruko rwa UGA rurashimira byimazeyo abantu bose bakomeje kubatera inkunga ku buryo bunyuranye babafasha kugira ngo umuryango wa UGA uhabwe ingufu zo kongera gutangira aho wahoze hose. Barashimira kandi abasaserdoti ba Paruwasi Biruyi bafashije urubyiruko rwa Biruyi kwakira bagenzi babo mu gutegura amacumbi n'amafunguro yatunze urwo rubyiruko bafatanije na Omoniye wa Diyosezi.

Byakusanijwe na Eleuthère NSENGIYUMVA

**JEANNE EYKENS NYIRABAHINZI WAGIZE URUHARE
RUKOMEYE MU MURYANGO W'AGI UHERUTSE KWIZIHIZA
YUBILE Y'IMYAKA 50, YITABYE IMANA.**

Mu rwego rwo guhimbaza Yubile y'Imyaka 50 Umuryango w'AGI umaze ushinzwe , nifuje kubagezaho imibereho y' umwe mu batangije umuryango afatanije na Musenyeri Aloyizi Bigirumwami na Musenyeri Ludoviko Gasore wari igisonga cye. Uwo ni Jeanne Eykens NYIRABAHINZI.

Umwirondoro wa Jeanne Eykens :

Yavukiye LIER-Anvers ho mu Bubiligi tariki ya 7/3/1927. Amashuri abanza yayize kuva mu 1933 kugeza mu 1941. Ayisumbuye yayize kuva mu 1941 kugeza mu 1946 aho yakuye impamyabumenyi mu binyabuzima n'ubutabire (Bio-chimie).

Kuva mu mwaka wa 1946 kugeza mu 1951 yayoboye Umuryango w'Urubyiruko Gatolika w'abahinzi (KLJ) mu Bubiligi. Kuva mu 1951 yakoze mu kigo cy'imibereho myiza (Foyer social) i Kinshasa no muri Likasi ubu akaba ari muri Repubulika iharanira Demokrasi ya Congo.

Mu kwezi kwa 3/1955 niho Musenyeri Aloyizi Bigirumwami yamuzanye gukora muri Diyosezi ya Nyundo.

Mu 1955 yakoze mu ishuri ryisumbuye ry'i Muramba

Mu 1957-1959 yakoze mu i Seminari nto ya Mutagatifu Piyo wa 10 ku Nyundo.

Mu 1959-1962 yabaye umujyanama w'Umuryango wa JAC/F (Jeunesse Agricole Catholique Féminine) ariyo UGA (Urubyiruko gatolika rw'abahinzi, ishami ry'abakobwa) wari umaze gutangira muri Diyosezi ya Nyundo. Mu 1962 Jeanne Eykens, abisabwe na Musenyeri Aloyizi Bigirumwami bafatanyije na Musenyeri Ludoviko Gasore batangije umuryango wa AGI (Agisiyo Gatolika y'Ingo).

Kuva mu 1962 kugeza mu 1990 yari Umujyanama wa AGI.

MU 1990-1997 Jeanne yafashe ikiruhuko akaruhukira mu Rwanda no mu Bubiligi.

Mu 1997 yagiye gutabara muri Diyosezi ya Cyangugu akora muri Economat ari umukorerabushake.

Kuva muri 2001, Jeanne Eykens yagiye mu kiruhuko ariko harimo n'indwara. Yitabye Imana tariki ya 25/4/2011 Anvers ho mu Bubiligi akaba ari naho yashyinguwe.

Ibikorwa bya Jeanne Eykens n'ibyamuranze.

Jeanne Eykens ageze muri Diyosezi ya Nyundo yabanje kuba i Muramba hamwe n'abandi bafashabutumwa bari bashinzwe ubuyobozi bw'ishuri ryisumbuye ry'abakobwa hamwe n'ikigo cy'imfubyi (orphelinat). Jeanne Eykens yari Umufashabutumwa (Auxiliaire de l'Apostolat).

Icyifuzo cya Musenyeri Aloyizi Bigirumwami cyo kuzana Jeanne Eykens muri Diyosezi ya Nyundo cyari icyo gufasha umuryango wa JAC/F (Jeunesse Agrocole Catholique Féminine) yari amaze gutangiza muri Diyosezi ye, Jeanne Eykens akaba yarabaye muri uwo muryango mu gihugu cye cy'Ububiligi.

Hamaze gutorwa abayobozi ba mbere b'Umuryango wa JAC/F ariwo UGA mu kinyarwanda (Urubyiruko Gatolika rw'Abahinzi) ari bo Pascasie MUKANDEBE na Languida MUSANINGUNDU , Musenyeri Aloyizi Bigirumwami yakuye Jeanne Eykens i Muramba amuzana ku Nyundo amugira umujyanama w'Umuryango wa JAC/F wari umaze gutangira muri Diyosezi ya Nyundo. Musenyeri Ludoviko Gasore wari igisonga aba Aumônier w'Umuryango wa AGI. Jeanne Eykens yateje umuryango imbere ukwira muri Diyosezi yose ya Nyundo awushakira n'abagiraneza bawufasha kurangiza inshingano zavo.

Musenyeri Aloys Bigirumwami yifuje ko abari mu muryango wa UGA bamaze gushyingirwa bavuye muri UGA bagira undi muryango wakomeza kubafasha mu ngo zabo ari nayo mpamvu yashinze Umuryango wa AGI(Agisiyo Gatolika y'Ingo) awushinga Musenyeri Ludoviko Gasore, Jeanne Eykens n'Umulayiki Gérard Gikeri.

Mu myaka 28 Jeanne Eykens yayoboraga umuryango wa AGI abifatanyije na Musenyeri Ludoviko Gasore na Bwana Gikeri Gérard (1962-1990). Yashakiye uyu muryango inkunga kugira ngo ushobore gukora neza atibagiwe na UGA yari yarashyigikiye. Iyo miryango yaterwaga inkunga n'ishyirahamwe ry'Urubyiruko Gatolika rw'Abahinzi bo mu Bubiligi.

Jeanne Eykens niwe wazanye ubuhinzi bw'imboga (amashu, Koroti, ibitunguru) muri Paruwasi ya Busasamana na Nyundo. Iki gikorwa cyaje gukwira mu maparuwaso ya Diyosezi ya Nyundo n'iya Cyangugu. Umurama w'imboga yawutumizaga i Bulayi ukera imboga nziza kandi akgisha abanyamuryango uburyo bwo kuzihinga. Ni naho yakuye izina rya Nyirabahinzi kuko yari yitaye ku majyambere y'abahinzi.

Yakundaga umurimo agakunda n'umuryango wa AGI. Kabiri mu mwaka yagendereraga amaparuwaso ya Nyundo na Cyangugu, mu mianda mibi, ntakangwe n'ubunyereri dore ko nta mushoferi yagiraga. Niwe witwaraga.

Buri mwaka afatanyije n'abandi bayobozi bakoreshaga amahugurwa yari agamije kujijura abanyamuryango mu bijyanye n'ubuhinzi, ubworozi, imyuga n'ubundi bukorikori ku bategarugori (kudoda, gufuma n'ibindi).

Yigishaga abategarugori kumenya guteka no kugaburira abana neza babarinda bwaki.

Usibye ibikorwa twavuze , Jeanne Eykens yafashije abanyamuryango ba AGI, abatoza gukora inama y'urugo rimwe mu cyumweru bakaganira ku bibazo biri mu rugo kandi bakiha gahunda y'imirimo.

Yakoreshje amarushanwa menshi ajyanye no kumenya ibarura ry'umutungo w'urugo, kumenya amafranga yinjiye mu rugo n'aho akomoka, ayakoreshje n'icyo yakoze. Yahuguye abanyamuryango ku bworozi bw'amatungo magufi, atangiza igikorwa cy'ubworozi bw'ihene aho umunyamuryango yahabwaga ihene amaze kuzuza ibyangombwa byasabwaga, ihene yabyara akaziturira undi (banque de chèvres).

Jeanne Eykens yakoreshje amahugurwa y'ingeri nyinshi, asura urwego rw'umushyikirano muri za paruwasi, atangiza umuryango mu yandi madiyosezi. AGI yari mu ma Diyosezi akurikira :

Nyundo, Cyangugu, Ruhengeri, Byumba, Kibungo, no muri Paruwasi ya Rwankuba yo muri Kigali.

Jeanne Eykens yagiraga urugwiro, akakira uje wese amugana aje kumugisha inama ku bibazo birebana n'umuryango. Yakundaga abana. Mu mahugurwa, igihe cyo gukorera mu matsinda, yakundaga kurera abana babaga bazanye n'ababyeyi babo. Yabaga yazanye udukinisho two kubaha. Yakoreshaga amarushanwa agamije iterambere ry'ingo.

Ibikorwa Nyirabahinzi yakoze ni byinshi. N'ubu aho yari mu kiruhuko umutima we yawuhozaga kuri AGI. Uwamudutije yaramwishubije. Naruhuke yarakoze kandi Imana yarabimuhembeye.

Aho ari akomeze asabire umuryango wa AGI, kugira ngo iyi Yubile y'imyaka 50 izawusigire amatwara mashya ajyanye n'igihe tugezemo cyo kwivugurura ari kuri roho no ku mubiri.

Eleuthère NSENGIYUMVA

Umwe mu babanye na

Jeanne Eykens

ABAKRISTU BAKWIYE KUMENYA KURUSHAHKO KWIYUBAKIRA PARUWASI ARI INSHINGANO YABO.

Hashize imyaka igera ku icumi gahunda yogucutsa buhoro buhoro za paruwasi itangiye muri Diyosezi ya Nyundo. Nyiricyubahiro Musenyeri Alexis Habiyambere atangiza iyi gahunda yabonaga ko uko ibihe bigenda bisimburana imfashanyo zahabwaga Kiriziya mu Rwanda zigenda zigabanuka ndetse inyinshi zikaba zarahagaze.

N'abanyarwanda ariko bari barabitekerejeho bagira bati : « Ak'imuhana kaza imvura ihise ». Imfashanyo ziragabanuka ku buryo bugaragara ariko ingoma y'lmana igomba gukomeza kwamamazwa kugeza igihe isi izashirira. Yezu ati : « Nuko rero , nimugende mwigishe amahanga yose, mubabatize ku izina ry'lmana Data na Mwana na Roho Mutagatifu, mubatoze gukurikiza ibyo nabategetse byose. Dore kandi ndikumwe namwe iminsi yose, kugeza igihe isi izashirira ». Mt 28,19-20.

Abakristu bo mutungo w'ibanke wa Paruwasi bakwiye kuyitangira ku buryo bugaragara.

Igihe Yezu yohereje intumwa ze mu butumwa, yazisabye kutarangazwa n'umutungo w'isi, abasaba kudahangayikishwa n'icyo kwambara ahubwo abasaba guhumuriza abafite ibibazo binyuranye haba kuri roho n'umubiri. Yazizeje ko aho bazajya kwamamaza inkuru nziza bazahasanga ikibabeshaho. Ibyo yabivuze agira ati : « Ntimwitwaze zahabu, feza, cyangwa ibiceri mu mikandara yanyu ; ntimujyane kandi uruhago rw'urugendo, amakanzu abiri, cyangwa inkweto, habe n'inkoni, kuko umukozi akwiye ifunguro ».Mt 10,9-10.

Yezu Kristu uzi neza ko inkuru nziza ye igomba gukwira ku isi hose, ntiyirengagiza ko abogezabutumwa bakeneye ibibabeshaho kugira ngo bagire ubuzima bwiza butuma bamamaza inkuru nziza batuje. Azi kandi ko umurimo abahamagarira udakwiye kubangikanywa no kwizirika

ku by'isi. Niyo mpamvu agira ati umukozi umukozi akwiye ifunguro. Abakristu ari nabo bagenerwabutumwa muri Paruwasi bakwiye kwita ku bapadiri babo bakabafasha kubaho neza mu mutozo kandi bakaborohereza mu lyogezabutumwa ryabo. Yezu azi neza ko ibyo bishoboka cyane cyane ko abakristu bahawe ku buryo bunyuranye ingabire zituma bakora bakaronka bakibeshaho kandi bakagira n'ubundi butunzi. Buri wese ku rugero rwe yagira icyo amarira Kiliziya Umuryango w'abana b'lmana. Izo ngabire duhabwa ku buntu bw'lmana zigatuma turonka byinshi zikwiye kutubera impamvu yo kwibona ku buryo bwuzuye muri Kiliziya Umuryango wacu. Yazu ati : « Mwahawe ku buntu, mutange ku buntu » Mt 10,9.

Hari ingero zigaragaza ko abakristu bahugukira buhoro buhoro gufasha Kiliziya

Izo ngero ziboneka muri gahunda zinyuranye zigenda zitangizwa muri Paruwasi aho abakristu bakangurirwa kugira icyo bakora cyafasha mu iterambere rya Pauwasi. Paruwasi zimaze gucuka zatanga ubuhamya. Ku ikubitiro Paruwasi ya Gisenyi yashyizeho gahunda ya « Twiyubakire Paruwasi » iza yunganira ubundi bufasha abakristu bagenera Paruwasi. Buhoro buhoro abakristu ba Gisenyi bagize iyi gahunda iyabo, buri muryangoremezo ukajya ugira icyo ushyira muri icyo kigega, ndetse abo mu zindi paruwasi nabo barayishima ku buryo henshi muri Diyosezi ya Nyundo hari ibikorwa bifatika bikomoka kuri iyi gahunda. Reka tuvuge bimwe muri byo.

- Muri Paruwasi ya Gisenyi, ku nkunga y'abakristu inzu y'i Kana yaravuguruwe hubakwa n'inzu y'inama iciriritse yiswe Inzu y'umulayiki. Barateganya kuvugurura igisenge cya Kiliziya n'igisenge cy'inzu y'abapadiri bishakaje fibrociment.

- Muri Paruwasi Busasamana , hifashishjwe ituro ryo gushimira Imana, hasanuwe igisenge cya Kiliziya ya Paruwasi, isakaro rya Fibrociment risimbuzwa amabati akomeye ajyanye n'igihe tugezemo. Kuvugurura iyo Kiliziya byatwaye amafranga agera kuri 21.000.000.

- Muri Paruwasi ya Biruyi, abakristu bihaye umuhigo maze biyubakira inzu mbera byombi (salle polyvalente) igizwe n'icyumba kinini cyafasha igihe cy'inama cyangwa iborori n'ibindi byumba bitatu bikoreshwa nka Bureau. Iyi nzu yiswe *Urwibutso rwa Yubile y'Abalayiki (CPAL)* y'lmyaka 25 ikaba yarafunguwe ku mugaragaro ku munsi wo kuzirikana ku butumwa bw'Abalayiki tariki ya 17/6/2012 na Padiri Prosper Ntiyamira, Padiri Mukuru wa Paruwasi ya Biruyi ari kumwe na Eleuthère Nsengiyumva wari uhagarariye CDAL ya Diyosezi ya Nyundo n'abandi bashyitsi benshi. Iyo nzu yatwaye amafranga 28.451.555 harimo 17.584.385 frw yatanzwe n'abakirisitu na 12.111.870 frw y'inguzanyo bahamya ko bazishyura nta bwoba. Uwo munsi hari abakristu bari bakoze Yubile y'imyaka 25 na 50 babatijwe cyangwa basezeranye. Hari

n'uwakoze Yubile y'imyaka 75 abatijwe. Icyo gihe bashimiye ku mugaragaro abalayiki babiri babaye imena mu iyogezabutumwa muri Paruwasi ya Biruyi. Abo ni Gérard Mvunabandi na Emmanuel Leta.

Paruwasi Biruyi : Inzu y'urwibutso rwa Yubile y'abalayiki y'imyaka 25.

- Paruwasi ya Nyundo nayo, ihereye ku mihigo y'abalayiki, yubatse inzu iciriritse ishobora kwakira inama ndetse hakaberamo n'ibirori. Iyo nzu yatashywe tariku ya 25/11/2012 ku munsi mukuru wa Kristu Umwami.
- Tuzi neza ko n'ahandi hari ibyo abalayiki bagenda bageraho mu rwego rwo kwiyubakikira Paruwasi. Hari amaparuwasi yashoboye kugura imodoka yo gufasha mu butumwa bwa Paruwasi (Murunda, Congo-Nil, Kabaya, Nyundo na Birambo), hari abakora imishinga y'ubuhinzi n'ubworozzi ynjiriza Paruwasi, n'ibindi... Ababishobora badufasha gusangiza abandi ibyo bagezeho.

Gukangurira abakristu gutanga ituro rigenewe iyogezabutumwa ry'abalayiki bikwiye gushimangirwa.

Buri mwaka duhimbaza umunsi mukuru w'Abalayiki ubanzirizwa na Noveni ikorerwa mu miryangoremezo. Mu gutegura iyo Noveni, Komisiyo yashyizweho n'Abepiskopi ishinzwe Ubutumwa bw'Abalayiki itegura ingingo zizaganirwaho mu gihe cya Noveni kugira ngo ifashe abalayiki kurushaho kumva ubutumwa bafite muri Kiliziya. Mu gihe cya Noveni no mu misa zo kucyumweru cyahariwe kuzirikana ku butumwa bw'Abalayiki hatangwa ituro rigenewe ubutumwa bw'abalayiki. Iyo abakristu babikanguriwe batanga ituro ritubutse bityo hakaboneka umubare ugaragara w'amafranga asigara muri Paruwasi (aganewe CPAL) n'andi yoherezwa muri CDAL. Twibutse ko mu mafranga aba yabonetse, 1/3 kigenerwa CPAL, 2/3 bikoherezwa muri Economat général kuri Compte ya CDAL. Birumvikana ko uko umusanu wiyoungera ari nako asigara muri paruwasi aganewe CPAL yiyoungera.

Abagize komite 3 za Paruwasi, abayobozi ku rwego rwa Centrale n'abayobozi b'imiryangoremezo baba abafasha -myumvire mu iterambere rya Paruwasi

Ubusanzwe abagize Komite 3 za Paruwasi ni abajyanama b'inkoramutima ba Padiri mukuru. Bashinzwe gufasha padiri mu mirimo irebana no kwigisha, gutagatifuza no kuyobora. Barimo Komite Nyobozi, Komite Ncungamutungo na Komite Ngenzurabikorwa. Abagize za Komite bashinzwe no kumenya ubuzima bwa Paruwasi bityo bakaba bakwiye gushishikazwa n'iterambere rya Paruwasi.

Abakristu benshi bakunze kuvuga ko umutungo wa Paruwasi ureba padiri. Ntibarumva neza ko basabwa kugira uruhare rugaragara mu iterambere rya Paruwasi yabo. Kubera iyo mpamvu abagize Komite eshatu za Paruwasi n'abayobozi ku rwego rwa Santrali bakwiye kwegera abakristu bakabafasha kumva neza uruhare rwabo mu iterambere rya Paruwasi.

Ibyo bisaba ko nabo ubwabo baba bumva neza inshingano zabo kandi bakihatira kubigaragaza mu migirire yabo. Mu kinyarwanda baravuga ngo « kora ndebe iruta vuga numve ». Birashoboka ko mu bagize Komite 3 za Paruwasi habamo abatitabira kurangiza inshingano zabo, bakabamo ku izina gusa. Birashoboka nanone ko habaho abashingwa gucunga ibya paruwasi ntibabicunge uko bikwiye. Abatorerwa kujya muri Komite 3 za Paruwasi bakwiye kuba urumuri rw'abandi mu migirire bakitangira batizigamye uwo murimo.

Kubyitwaramo neza bifasha abakristu kumva neza icyo bahamagarirwa kandi bikabashishikariza kwitanga uko bashoboye.

Umwanzuro

Gahunda yo gucutsa za paruwasi muri Diyosezi ya Nyundo irakomeje. Abakristu baratozwa buhoro buhoro kwicungira paruwasi hifashishijwe Komite 3 zashyizweho muri buri Paruwasi. Ibikorwa binyuranye bikomoka ku mbaraga z'abakristu biratanga icyizere ko ejo hazaza Kiliziya izarushaho gushinga imizi kubera imbaraga z'abakristu. Abasaserdoti nanone bakwiye gukomeza kubikangurira abakristu cyane ko kwigisha ari uguhozaho.

Didace Musebyukundi

NDEMEYE KANDI NDABYUMVISE, IMANA IRIHO, NI YO YANDEMYE KANDI IMFITEHO UMUGAMBI

Muri uyu mwaka w'ukwemera, birashoboka ko haba hariho utemera na gato ko Imana iriho. Ibi tubivuze kuberako ko iyo urebye uko muntu agenda atera imbere mu by'ikoranabuhanga, usanga hari benshi batwarwa na byo bityo bakiringira ubwo buhanga bwabo maze bakibagirwa isoko yabwo, aho babukomora. Mu bahanga benshi babayeho, hari benshi babashije gusobanura Imana, isoko y'ubuhanga, ntibayiheza kuko basanze irenze ubwenge bwabo. Ese koko umuntu ashobora gusobanukirwa n'ukuntu Imana iriho, akayumva, kandi ubwenge bwe bufite aho bugarukira? Ese ko Imana itagira intangiriro n'iherezo kandi ntigaragare, ubwenge bwa muntu, ufite igihe yatangiriye n'igihe azarangirira, bwa kwiyumvisha ko koko ibaho bitari mu magambo gusa?

Nibyo koko Imana irenze ubwenge bwacu, kuko muntu ni ikiremwa mu gihe Imana ari Umuremyi w'ibiremwa byose. Umuntu agira igihe aberaho n'aho ari hazwi, ariko Imana Yo iri hanze y'igihe n'ahantu. Ikindi kandi, mu bushake no mubwisanzure bwayo, Imana yaremye muntu imurema ari ikiremwa gisumba ibindi biremwa byose byo ku Isi, kuko yamuhaye ubwenge kugirango azabukoreshe mu gutegura iherezo rye. None se koko muntu ni iki kugirango abe yakwiratana ubwo bwenge maze ngo bimuviremo kwibagirwa uwabumuhaye? Ibi mvuga si ibyo nihimbira. Iyo urebye neza, usanga mu mikorere y'abantu benshi bubungubu, bakora uko bishakiye nkaho Imana itabareba cyangwa se nkaho itabaho. Umubare mwinshi w'abantu wayobeje umutimanama wabo, maze ugaha agaciro ibinezeza umubiri gusa, kandi ibyishi muri byo biba bihabanye na kamere muntu. None nawe, iyo ubona abantu twita ko bajijutse baterana, bagatora itegeko ryemerera abantu gukuramo inda ku bushake, cyangwa ko abahuje ibitsina bashyingiranwa, ibyo koko umutimanama wabitubwiriza? Ese Imana

yaduhaye ubwenge ngo butugeze kuri iyo ntera? Imana iriho kandi na Yo ubwayo yarabyivugyiye igihe ibonekeye Musa ati :Ndi Uhoraho(Iyim 3,14), We wahaye ubwigenge ikitwa ikiremwa muntu kugirango abukoreshe aharanira kuyiganaho. Ese ibi bizirikanwa na bangahe ko ahubwo iyo urebye haruguru no hepfo yawe, usanga tubukoresha ibyo twavuze haruguru!

Buri wese ,Imana imufiteho umugambi. Mu rukundo rwayo, Imana yashatse kuza mu mateka ya muntu, kugirango imuzamure imugeze ku mugambi wayo wo kumukiza, ngo abane na Yo mu bugingo bw'iteka. Ese tujya tuzirikana kuri uyu mugambi w'agahebuzo Imana idufiteho? Uku kuza mu mateka ya muntu rero kw'Imana, niho dushobora kuririra, twifashishiye ubwenge yaduhaye, tukerekana tunahamya ukuntu Imana iriho, yahozeho ikazanakomeza kubaho. Bityo noneho rero, muntu ukesha kubaho kwe Imana, akaba agomba gupfukama, akaramya igihe n'imburagihe, Uhoraho We soko y'ibiyabayeho, ibiriho n'ibizaza. Nyuma yo gutekereza ku mutwe w'iyi nyandiko, nifashishiye uburyo butanu twasigiwe na mutagatifu Tomasi w'Akwino, nkaba ngiye kugerageza kwerekana ukuntu umuntu yagera ku bumenyi buhamya ko Imana iriho, n'ukuntu ifitiye ikiremwa muntu cyose umugambi.

1.GUHINDUKA KW'IBIRIHO

Iyo ufunguye amaso n'amatwi, ugatekereza kubiriho, ugenda ubona ko bigendabihinduka, bikava aho biri cyangwa uko bimeze bikagera ahandi cyangwa bikamera ukundi kuntu. Ikibuto cya voka cyavuye kuyindi avoka, uragitera kikabyara ikindi git cy'ubwoko bumwe, maze na cyo kikera izindi avoka, nazo zifitemo ibindi bibuto batera bikabyara izindi avoka nyinshi; bikagenda gutyo gutyo ukagarukira aho udashoboye kubibara.Umugore ahura n'umugabo bakabyara umwana, na we akazakura, agahura n'undi badahuje igitsina, bakabyara abandi bana, nabo bakazabyara abandi benshi; ugakomeza ukabara ibyo bisekuruza ukagarukira aho bikubanye byinshi cyane, maze kubibara bikakubera inshoberamahanga. Ese umuntu yakomeza kugenda azamuka urwo rujyano rw'ibiza n'ibipfa akagarukira cyangwa agatangirira hehe? Icyo tubona ni uko ikintu cyose kiriho gifite icyindi cyagihaye ubuzima. Rwa rugemwe rwa voka rwahawe ubuzima na ya avoka rwaturutseho. Uwo mwana wavutse yahawe ubuzima n'ababyeyi be. Birumvikana rero ko ikiriho gifite ikindi kiri hanze yacyo cyagihaye ubuzima. Icyo umuntu akaba yakita ikinyengufu(moteri)ugereranije n'icyo cyahaye ubuzima, maze icyahawe ubuzima nacyo kikaba moteri yicyo kibarutse cyangwa cyahindutsemo; ukazamuka rero urwo rujyano rwa moteri kuri moteri ukazagera aho utagishoboye kubibarura cyangwa se aho bitarangirira.Ariko se koko umuntu yagarukiriza aho gutekereza, ubundi akagereka akaguru ku kandi yibwira ko birenze ubushozi bwe ko

ntacyo yakora kirenze? Oya tugomba kugira icyo umuntu abivugaho rwose. Icyo umuntu yatekereza kandi kiri cyo ni uko hari moteri Imwe , idahinduka ,itagira indi yayihaye ubuzima, ahubwo yo itanga ubuzima y'ibiraho byose, ibyabayeho yewe n'ibizabaho. Iyo moteri ntihinduka kandi ntigira igithe yatangiye kuberaho n'igihe izarangiriraho. Iyo Moteri rero ni IMANA. Mu cyongereza bavuga ko ari “Unmoved mover”, bigashaka kuvuga ko ari igituma ibindibihinduka ari ko cyo ntighinduke.

Aha rero tugahita tubona ko Imana iriho kandi ko ari Yo ituma ibindi byose biraho bibaho; kuko byose bigendera kuri iri hame ry'ukuri”Quid quid movetur ab alio movetur”bishatse kuvuga ko igihinduka cyangwa ikigenda cyose, kiba gifite ikindi gituma kibasha gukora ibyo.Ibi bikakaba bifatira intangiriro n'iherezo mu Imana. None se koko tuzirikana ko uko tumeze, uko turemye, n' uko turi ko ari ugushaka kwayo? Warakoze Mana , icyaduha ngo ubuzima bwacu bube ubwo kugusingiza gusa no kurata urukundo wadukunze. Ibi bikaba bitwereka ko rwose Imana ariyo yakagombye kutugenga, mu byo dukora byose, mu migambi yacu yose tukabanza kuyigisha inama.

2. IMPAMVU ITUMA IBINTU BIBAHO

Mu kugerageza kumva neza uyu mutwe kimwe n'ibyo ubumbye, tubanze twumve inyito yiryo jambo “impamvu”. Hano iryo jambo impamvu rishatse kuvuga ikibyara ikindi, mbese igituma ikindi kibaho. Dufate urugero rwa Petero wahuye na Tereza maze bakibaruka Yohani. Ibi bishatse kuvuga ko Petero na Tereza bari impamvu ya Yohani. Iyo batabaho ,Yohani ntiyari kubaho; mbese Yohani ariho kubera Petero na Tereza. Iyo rero utekereje kubiraho ,usanga ibiraho bifite impamvu yabyo. Ikintu n'umuntu wese bifite icyabibyaye, cyabibarutse. Noneho nacyo rero kikagira ikindi gikomokaho, iki nacyo kikazagira ikindi gikomokaho, ugakomeza uzamuka ibyo bisekuruza, ushaka impamvu y'ibiraho, ukagera aho utagishoboye kubigenzura no kubikurikiranya uko biri. Ariko ni gute umuntu yagera ku cyo byose bikomokaho , cyangwa impamvu ya mbere y'ibiraho, ibyabayeho n'ibizabaho. Kumenya impamvu ya mbere na mbere ,bisaba rero kuzamuka urwo rujyano rw'impamvu ku mpamvu , ukagarukira aho bitarangirira; ibi bigahita bibera ubwenge bwacu inshoberamahanga.

Ngaho rero ! None twagarukira aha gutekereza tuvuga ko ubwenge bwacu butabibona? Oya, bwaba butumariye iki kandi twarabuhaweho impano ngo tumenyi impamvu ya mbere y'ibiraho? Oya ntibikwiye. Birakenewe ko dutekereza dufite aho tuganisha. Ese koko ubwo ntitwumva ko habanje kubaho ikintu kimwe cyatumye ibindi byose bibaho, icyo umuntu akaba yakita impamvu y'ibyabayeho, y'ibiraho n'ibizabaho. Ese icyo kintu cyaba cyarabayeho cyo giturutse he, cyangwa impamvu yacyo yo yaba ari iyihe? Icyo tugomba kumva ni uko icyo kintu ari impamvu yacyo cyo ubwacyo, kibeshejeho

ntakikibeshejeho; ntikigira igihe cyatangiriye bivuze ko kitanagira n'igihe kizarangirira.Ni cyo gituma ibibaho bibaho, bityo bigafatira ukubabaho kwabyo muri cyo, kandi bikarangiriza ukubaho kwa byo muri cyo, kuko cyo gihoraho. Ese icyo kintu ni ikihe? Mu by'ukuri ntakindi umuntu yatekereza atari Imana.

Ukubaho kwacu tugukesha Imana.Ni Yo mpamvu y'ukubaho kwacu. Utabyemera cyangwa utabyumva yaba yigiza nkana.Ukubaho kwacu gushingiye muri Yo, ni Yo yagennye igihe buri muntu amara ku isi, bityo icyo gihe cyarangira, mu bushake no mu bwigenge bwayo, igahamagara uwo yishakiye ngo ahindure ubuzima, ngo ave mu buzima bushira ngo ajye mu buzima buhoraho nka YO. Ariko rero iki cyo kiraharanirwa. Ubu budashira rero bushobora kuba bwiza cyangwa bukaba bubi; iyo ari bubi , ntibuba bukibaye ubuzima ahubwo ni urupfu.

Mu by'ukuri,Imana yaturemeye ubuzima bwiza budashira, ariko noneho ikibazo ni uko usanga umuntu abwibuba, yishimagiza mu buzima bwe kuri iy'isi bushira, maze akibagirwa gutegura ubwo buzima budashira.Ese ko ari twe twihitiramo, duhitamo ubuhe? Hari n'abatemera ko ubwo buzima bundi buhoraho? None bibwirako ko se baba bahwanye n'inyamaswa ko arizo iyo zivuye ku isi biba birangiriye aho? Bavandimwe, ese tuzi ko ubu buzima ari nk'agatonyanga mu Nyanja ugereranije n'ubuzima buzaza?

Ikindi kandi bavandimwe nkuko twabibonye, turi abavandimwe kuko dufite impamvu(inkomoko) imwe y'ukubaho kwacu duhuriyeho. Imana iyo itabaho simba ndiho nawe ntuba uriho na kanaka ntaba ariho. Kuba twese turiho ni Yo tubikesha. None turapfa iki? Amakimbirane tubona aterwa niki? Ese ko bigeze aho abavandimwe basubiranamo, urabona atari sakirirego?

3. ITANDUKANYIRIZO RY'IGISHOBORA N'IKIGOMBA KUBAHO

Ukimara gusoma uyu mutwe, wakwibaza uti: mbese ikigomba n'igishobora kubaho, ibi bivuze iki? Ibi kubyumva ntabwo bisaba inzira ndende. Niba hari igishobora kubaho, bivuze ko kinashobora kutabaho.Naho rero ikigomba kubaho, bivuze ko ntacyakibuza kubaho, bivuze ko rwose kitashobora kutabaho. Mbese umuntu yavuga ko ikigomba kubaho, kitazi muri cyo kutabaho.

Tumaze kumva ibyo bisobanuro, turasanga igishobora kubaho kibaho, igihe hagomba kubanza kubaho cyangwa kuberaho icyarimwe icyo gikomokaho. Kuba tubona abana mu mashuri, ni uko hari ababyeyi babayeho bababyaye.Iyo abo babyeyi batabaho, abo bana nabo ntibari kuba bariho.Kimwe n'uko abo babyeyi bashobora kuba bariho, maze bakifatira icyemezo cyo kutabyara. Ibi bivuze ko abo bana bariho mbere na mbere kubera ko hariho cyangwa habayeho abo babyeyi. Aba bifatiye icyemezo cyo kutabyara ntacyo byabangizaho, kimwe n'uko baramutse na bwo babyaye, na byo ntacyo byabangizaho.

Nyuma yo kumva urwo rugero, ukicara noneho ukitegereza n'ibindi byose biriho, urasanga byarashoboraga no kutabaho kandi ntibibuze isi kubaho. Ibyo bikadutera kwibaza impamvu biriho rero. Ukavuga uti ni uko bifite ibindi byabyibarutse. Byo byibarutse biturutse he? Utu nabyo ku byabyibarutse. None umuntu yazakomeza atyo akagarukira hehe? Gusa icyo uhita ubona ni uko ibiriho ari uruhererekane cyangwa ibisekuruza byibishobora kubaho. None ubwo urwo ruhererekane rwaba rwaratangiriye hehe, kuki?

Umuntu atiriwe ajya kure, ni uko hari ikigomba kubaho cyatumye ibyo byose bishobora kubaho bibaho. Nkuko twabibonye haruguru, icyo kigomba kubaho, ntikigira aho gikomoka ,kandi ntikigira n'igihe cyatangingiriye, binavuze ko kitanagira n'igihe kizarangirira. Cyo kigomba kubaho kugira ngo ibishobora kubaho bibebo. Noneho bikabaho bitangiriye muri cyo, ntihagire icyo kigabanukaho, kandi bikarangiza kubaho muri cyo na none ntibigire icyo bicyongerera cyangwa bikigabanyaho. Icyo kintu n'ubwo atari ikintu, ni lmana Yo soko y'ibiriho, Ibyabayeho yewe n'ibizabaho. N'ubwo itagereranywa, aha umuntu yagenekereza ayigereranya n'ababyeyi twavuze haruguru, noneho ibiriho bikagereranywa n'bana ;bavutse ku babyeyi. Kuba ndiho, kuba nawe uriho no kuba na we ariho ni ukubera ubushake bw'lmana. Ntawigeze ayisaba kubaho. None kuki buriya twese turiho? Ese twaje gukora iki kuri iy'lsi? Ese uru ruhererekane turimo ruzagarukira hehe? None ko turiho? umuntu yabaho ate kugirango icyo yaziye ku isi akigereho? Ibyo ari byo byose buri wese yasubiza ibyo bibazo ku giticye, kuko afite impano isumba iz'ibindi biremwa byo ku isi. Iyo mpano ni ibwenge yahawe n'lmana kugirango abukoreshe ,maze bumugeze ku cyo yaremewe. Iki ni ubuzima bw'iteka.

Ubu rero hari benshi bishinga ubwo bwenge bwabo, bakabukoresha uko bishakiye, batarebeye ku Wabubahaye. Dufate urugero rw'ikoranabuhanga ubu rigezweho. Muntu abona akora ibintu bisaba ubuhanga buhanitse , maze akibwira ko ari ibyo abereyeho. Ese iyo hatabaho ikoranabuhanga, ntitwari kubaho. Ubu hari abana benshi babyiruka barabaye ibikoresho bya za mudasobwa na televiziyo. Koko ntibyumvikana ukuntu umwana ahera mu gitondo, yicaye imbere ya mudasobwa cyangwa ya televiziyo akageza ku mugoroba? Ese uwo mwana azamera ate koko? Ese azaganira n'abandi bana ryari? Kandi umuntu yaremwe ari ikiremwa cyo muri sosiyete (société). Ubwo ni gute aziyumva mu bandi?

Bavandimwe musoma iyi nyandiko, umuntu yahawe iyo mpano y'ikoranabuhanga, kugirango ayikoreshe yuzuza ubumuntu bwe, bityo bikamugeza ku cyo yaremewe. Ni ikibazo iyo ubona hari benshi bacuritse ibingibi, maze bo bagakoresha ubumuntu bwabo kugira ngo ikoranabuhanga ritere imbere. None kukiabantu bakora ibitwaro bya

kirimbuzi? Ngo bizice bande? Ni ikibazo, ubu mu mazu yabigenewe(laboratoire), ntibagitinya gukorera igeragezwa ku muntu. Urugero uko bakora umuntu bahereye ku intanga z'umugore n'umugabo.Ubu muri ayo mazu hari impinja zirenga miriyoni ebyiri. Ese abo bana bazabashyira hehe? Ubu muntu yihaye kamere ya kabiri, abonye ko kamere muntu itamuhagije, nuko yiha kamere nkoranabuhanga! Ese ko bigeze aha ,Muntu azashobora kugenzura ibyo akora, cyangwa azibera mbonabihita?

Igitangaje rero , n'ubwo muntu akora ibi byose, uzasanga afite agahinda, yigunze. Uzasanga atagera ku byishimo no k'umunezero yaharaniraga. Uzasanga nyuma yo kuvumbura byinshi ababaye. Ababajwe n'uko abona ko ari ikiremwa cyajugunywe ku Isi, icya kabiri, abona ko aho ari n'igihe ahabereye, atari ho hari inkomoko ye. Noneho icyanyuma,uzasanga ashavuzwa n'agahinda kuko nyuma y'ibintu byose yagezeho, hazagomba kubaho byanze bikunze igihe cyo kubisiga ,maze umubiri we n'ubwenge bwe bigashanguka.

None se bavandimwe duhuje inkomoko, nyuma yo gutekereza kuri ibi byose, muntu yakora iki? Ndahamya ko buri wese, afite uko yasubiza icyo kibazo, ariko ku bwanjye ndabona ko nyuma yo kumva ko yashoboraga kutabaho, none akaba ari ho, agomba gushyira amizero ye mu Ugomba kubaho kigirango we abeho. Imana bavandimwe. Ni Yo iriho, kandi ni Yo yagushyizeho, ifite n'icyo igushyiriye. Ndumva ikingenzi ari kureka ikatuyobora yo izi neza ubwiza bw'aho itujyana, kandi yaturemeye. Ese ko itigaragaza bisanzwe, nk'uko umuntu abona umuntu usanzwe, ni gute twayoborwa na Yo? Ibyo aribyo byose, dufite Bibiliya ikubiyemo ijambo rya Yo, dufite abayobozi ba za roho zacu. Dufite amategeko rusange agenga imyitwarire y'abantu, n' ibindi byinshi.

4. INGANO Y'UBWIZA CYANGWA Y'ICYIZA

Mu imvugo zacu, usanga tuvuga ngo uriya muntu ni mwiza, ririya tungo ni ryiza, iki giti ni kiza uyu muhanda ni mwiza, uyu munsi wabaye mwiza, n'ibindi. Tukongera tukagereranya tuti: kanaka ni mwiza kurusha uriya ,umwaka ushize nakoze neza ariko noneho uyu wo nzarushaho nkore neza cyane. Ibyo rero umuntu yabitekereza, akibaza ati: mbese ubwo bwiza tuvuga ni ubumeze gute? None ko numva hari aho tugera tukagereranya ubwiza bw'ibyo tubona, cyangwa twumva, ubwo buriya ubwiza bwo ku rwego rwo hejuru ni ubumeze gute ? Ese ni iki kitubwira ko koko ikintu ari kiza? Ese tuvuga ubwiza tugendeye kuki ?

Aha icyo tugomba kumva no kumvikanisha ni uko, ni uko ubwiza bw'abantu n'ibintu budahuye. Hagiye hari urwo rusumbane rw'ubwiza rw'ibiraho . Noneho umuntu akibaza ati: mbese ibintu bigenda bisumbanya ubwiza kugera ku buhe bwiza bw'ikirenga? Aho nta kindi kigomba kuba ari kiza kurusha ibindi byose biri hanze yacyo? Ikindi kandi, uzasanga muntu agenda akoresha uburyo bwose bushoboka,

kugira ngo amere neza; agashakisha bintu kugirango abeho neza, ase neza . Ese ko bose baharanira kumera neza, umeze neza washyikiriye ni umeze gute ku buryo adakenera kumera neza byisumbuyeho? Ese kuri iyi si birashoboka ra ?

Birakwiye rwose kandi birumvikana ko tugarukira ku kifiteho, cyangwa ikibitseho ubwiza bwose bushoboka n'ubudashoboka twakumvisha ubwenge bwacu. Icyo kintu rero akaba aricyo ibindi byose bikomoraho , ku buryo butandukanye , ubwiza bwose bifite. Icyo kandi ni cyo cyanadushyizemo ubwiza dufite. No kuba tubasha kugenzura ubwiza bw'ibantu ,ni uko muri twe twifitemo ubwiza tugikomoraho. Iyo soko y'ubwiza ni Imana. Abandi bayita Mwiza cyangwa Bwiza buzira inenge. N'ubwo ubwiza bwose ari Yo bukomokaho, ubwiza bwayo ntibugabanuka, ntacyo buhindukaho kuko nyine ari Bwiza. Mu burenganzira no mu bushake bwayo, Imana ni Yo yagiye igena ubwiza bw'ikintu n'ubw'abantu. Aha tukahabonera inyigisho nziza, kuko nta mpamvu yo kwita abantu ngo ni babi, kandi Imana, Mwiza, idashobora kurema ikintu kibi, ko ahubwo ubivuga ni we uba wariremyemo ububi maze akabwerekeza ku bandi, kuko usanga muntu ashaka kwishyira aheza. Ikibi, Imana ntiyashobora kukirema kuko nyine ni Bwiza buzira inenge .

None rero, ikibabaje ni uko, kubera amakosa yacu, usanga duhindanya ubwo bwiza twaremanywe ku buntu, kandi dufite ishingano yo kububungabunga, kuko tuzabumurikira uwabuduhaye buri wese ukwe. Bavandimwe rero buri wese afate umugambi wo kwiminjiramo agafu, maze atere intambwe asigasira ubwiza yahawe.

5. UKUNTU IBIRIHO BIRI KURI GAHUNDA

Iyo witegerje, usanga ikintu cyose cyiri aho kigomba kuba n'igihe kigomba kuhabera. Urebe ,urasanga nk'inyanja iri ahantu h'ikibaya, hatari ku gasozi ; ugasanga umuntu ahagaze ku butaka, ibifite amababa biraguruka mu kirere, ibyatsi na byo bikamera iyo imvura iguye, izuba ryava cyane bikuma ;amafi na yo akaba mu inyanja, wayazana ahatar amazi agapfa, ariko noneho wafata itungo ryo mu rugo warishyira mu mazi naryo rigapfa; n'ibindi byinshi umuntu yarondora.

Iyo urebye kandi ibyo binyabuzima byose, usanga kugira ngo bibebo, hari ibindi bigomba kubaho kugira ngo bibitunge? Ibi nabyo bigakenera ibindi bibaho ngo bibigaburire, gutyo gutyooo ! Reka dufate urugero ku umuntu. Kugirango abeho, hakenerwa ko habaho ubutaka bumerwaho n'amoko menshi y'ibyatsi, imbuto n'ibindi. Ibi byose bikagira uruhare mu mibereho ya muntu n'ibindi byose biri munsi ye . Ubwo butaka kandi buzakenera muntu ngo abubungabunge, maze isuri yere kubutwara. Ibyo byose n'ibindi ntavuze, uzasanga hari gahunda iriho bigenderaho. Noneho umuntu akibaza icyashyizeho iyo gahunda? None se nawe, abantu barapfa abandi bakavuka, bamwe barahamba, abandi

bagashyingira; bamwe baragenda, abandi baryamye; ese koko ntacyashyizeho iyo gahunda. Oya birakwiye kandi birumvikana ko hari icyabayeho mbere yuko ibyo byose bibaho, maze mu bwenge bwacyo no mu bushake bwacyo, kikagena iyo gahunda. Iyo ni IMANA , Umuremyi wa byose. Abantu bose, mu buryo baremwemo na gahunda baremwemo, bifite icyo bimwunguraho. Ikingenzi ni ukuba muri iyo gahunda y'Imana Yo izi aho izatugeza. Ibi bikumvikanisha ko gahunda umuntu yishyiriraho, agomba kuyishyiraho agendeye ku yakozwe n'Imana. Imana ifite umurongo yaduhaye, umuntu icyo agomba kuwukoraho ni ukutajya kure yawo. Maze agategereza ko icyo Imana yamuteganyirije gikorwa kuri we, kandi akacyakira uko kiri kose, bityo agahora avuga ati : « icyo ushaka ni gikorwe » (Mt 26,42).

UMUSOZO

Mu gusoza iyi nyandiko navuga ko, koko Imana ibaho. Kutabyemera ni ukwima amatwi umutimanama n'ubwenge bwacu . Twabonye kandi n'ibindi umuntu yakora akimara kumva neza ko Imana iriho kandi ko ari Yo yamuremye, imufiteho umugambi. Muntu agenda ashakisha ibyishimo, aciye mu inzira zinyuranye, ariko ugasanga atabigeraho uko abyifuza. Ibi biterwa n'uko aba yabishakiye aho bitari uko byakabaye. Ntabwo wabona ibyishimo bisendereye utinjiye mu mugambi w'Imana , kuko ari twe ubereyeho. Mutagatifu Agustini avuga ko ibyishimo nyabyo ari ukugira Imana muri twe. Abakristu bahora bishimye kuko bazi Imana Yo soko yo guhirwa. Muntu nahaguruke maze yumve ko ari umuntu ugizwe n'ibantu bitatu: roho,umubiri n'ubwenge. Iterambere nyaryo ni iryubaka ibyo uko ari bitatu. Kandi ubuhanga nyabwo ni ubushyira Imana imbere ya byose.

Fratiri Félix MUSHIMIYIMANA

Seminari Nkuru Philosophicum y'i Kabgayi

IBITABO N'INYANDIKO BYIFASHISHIWE

- 1 .*Bibiliya ntagatifu*,verbum Bible, Kinshasa,1997
2. TAMINAUX ,J.BRISART ,DEGREEF *J.Figure de la finitude, Etudes d'anthropologie philosophique*, Paris,1988
3. TINLAND FRANK ,*la Difference antropologiques*,Aubier montagne
4. VARILLON F .*Joie de croire,joie de vivre*
5. BREHIER E., *Histoire de la philosophie,tome1*,Librairie FélixAlcane, Paris ,1981
6. GARDIEL H., *Initiation à la philosophie de Saint Thomas d'Aquin*, cerf, Paris,1957

7. BREHIER E , *Histoire de la philosophie*,Tome 1,Librairie Félix, Paris,1981
8. GARDEILH.D ,*Initiation à la philosophie de saint Thomas d'Aquin*, Cerf, Paris , 1957
9. GAHAMANYI C, *Notes du cours de philosophie médiévale* (2003 /2004)

**IJAMBO RYA PADIRI MARITINI BAHATI KU MUNSI WA
YUBILE YE Y'IMYAKA 25 Y'UBUSASERDOTI
Nyundo, 4 Kanama 2012**

(*Amasomo ya Misa ya Yubile : Lv 25, 1.8-22 ; Rm 8, 1-17 ; Jn 13, 1-17.*).

Tariki ya 4 Kanama 1987 - Tariki ya 4 Kanama 2012 : uyu munsi nshoje imyaka 25 ndi umusaserdoti. Nshoje ikivi cya mbere cy'ubuhinzi mu muzabibu wa Nyagasaki. « Umutima wanjye wuzuye ibyishimo, na roho yanje iranezerewe ». Ndabararitse mwese ngo mwishimane nanje kuri uyu mutaga utatse neza. « Gaudeamus Omnes in Domino, diem festum celebrantes » : nitwishimire twese muri Nyagasaki, dukora umunsi w'ibirori.

Ibyo birori ni bya bindi twabwiwe n'Igitabo cy'Abalevi mu isomo rya mbere twumvise muri iyi missa. Ni ibirori bya Yubile yo guhimbaza, gukuza, gushima no gushimira Imana. Abantu si twe dukorerwa Yubile, *Imana ni Yo ikorerwa Yubile*, ikayikorerwa n'Abatagatifu bose, n'Abamalayika bose, n'imitwe kandi yose y'Ingabo zo mu ijuru, kubera ubukuru bwayo. Natwe abo munsi, tugahamagarirwa kwifatanya na bo mu kuyisingiza, kuyirata no kuyishimira urukundo n'ubuntu idahwema kutugaragariza. Ngiyo rero mbere na mbere *Yubile y'Imana* : Yubile ya Data uri mu Ijuru, waturemye akaduha kubaho ; Yubile y'Umwana we w'ikinege Yezu Kristu, wadukirishije umusaraba we mutagatifu ; Yubile ya Roho Mutagatifu abo bombi basangije kandi udukomeza, akadutera umwete mu buzima bushya. Iyo Mana imwe rukumbi mu Butatu, nidutuze mu Rwanda, natwe tuyituze mu gituza, mu mutima, ari ho mu nda ku banyarwanda (umugani uti : mu nda ni kure).

Yubile rero ni iy'Imana. Naho se twebwe bene-muntu twakorerwa Yubile yihe, ko turi abanyabyaha gusa ! ? Ntacyo tugira kiri cyiza, n'integre ntazo dufite, ntitubasha kugira neza, duhora tugomera iyaduhanze, ikatubeshaho kandi ikaduha ibyiza byose. Ngira ngo iyo ntero mu ndirimbo z'Ukaristiya turayibuka twese, kandi ibiyikubiyemo si ibyo kwimika « pessimisme », « umunabi ». Si ibyo kwibanda ku kibi ngo twiyibagize ibyiza, ahubwo ni ibyo kwiyambaza impuhwe z'Imana, bihuje na none na rya somo ryatubwiye ko umwaka wa Yubile ari umwaka w'impuhwe za Nyagasaki. Bityo rero, gukora yubile bikaba ari umwanya mwiza wo gusubiza amaso inyuma, umuntu akisuzuma, akicuza, akirega, agasaba Imana n'abantu imbabazi ku byo yirengagije gutunganya (yamara guhabwa abusolusiyo agatanga icyiru).

Umuririmbyi mutagatifu wa zaburi ni we ugira ati : « Nyagasaki, umutima wanjye ntacyo wakwiratira kibaho, n'amaso yanje ntacyo araramiye, nta bwirasi nimiriye imbere, cyangwa ukwirarira ngo ndashoboye ». Ngayo amagambo nagira ayanje, mu gihe nizihiza imyaka 25 y'Ubusaserdoti. Hari byinshi ntatunganyije uko nagombaga kubikora. Ariko kandi hari na byinshi byagenze neza, mbikesha ubuvunyi bwa Roho, Soko y'ibyiza utanga urumuri, mbikesha kandi n'umubano mfitanye n'abavandimwe b'ingeri zose, ndetse bamwe muri bo mukaba muri hano ngo twishimane, dusingiza uwadutanagiye ngo dutsinde Sekibi. Ndabishimiye mwese, kandi ndashimira buri wese muri

mwe. Uwo nahuye na we wese muri iyi myaka 25, ku buryo bwe yambereye inzira igana Kristu, We Nzira nziza, Ukuri n'Ubugingo. Ku buryo ubwo ari bwo bwose, kuko n'ibiberamye Imana imwe mu Butatu iba izi kubigorora no kubyerekeza ku gakiza itanga. Ya *Yubile y'Imana rero ibaye kandi Yubile y'abantu, Yubile y'abavandimwe*. Ni cyo gituma nta n'uburenganzira uyigezeho aba afite bwo kutayizihiza, kuko byaba ari nko kwima Imana n'abavandimwe ibibagenewe !

Yubile y'imyaka 25 y'Ubusaserdoti ! Muti : ese hirya y'ibyo wishimira kuba waratunganyije n'ibyo unenga kuba utararangije neza, wavuga ko ubuzima bwa gisaserdoti wumvise bumeze bute muri rusange ?

Ubusaserdoti ni bwiza, buraryoshye, bukwiye gukundwa, ariko ntibworoshye ! Ni bwiza kuko uwagize amahirwe yo kubutorerwa yumva koko ari uw'Imana ku buryo bw'umwihariko. Yego n'abandi bihaye Imana bumva ari abayo bw'umwihariko, ndetse na buri mukristu, yewe na buri muntu wese, ni uw'Imana by'umwihariko. Ariko akihariko bwite k'umusaserdoti, ni uko yumva yarahamagariwe ubutumwa bwo kubera Kristu umuhamba yitangira Ivanjiri ye igithe n'imburagihe, yigisha kandi yitangira bose akurikije Kristu, Umwigisha Mukuru. Umutima uhora umukomanga umubwira, uti : « Ibuka ko Kristu yakugiriye icyizere aguhitamo ngo umubere inshuti n'intumwa » ! « Ibuka ko uri umuhaza w'Imana n'abantu » ! « Ibuka ko ufite ububasha bwo guhamagara Imana ya Yezu Kristu, ikakwumvira, ikaza igasanga abantu, mu gihe wigisha Ijambo ryayo kandi uhimbaza n'imihango mitagatifu » !... Ni amahirwe rero akomeye, kandi ni ibyishimo bihebuje, kubarirwa muri bene abongabo !

Ariko *iyo ngabire y'indengakamere tuyitwaye mu rwabya rumeneka ubusa*. Uwo murimo mwiza ntiworoshye, kuko Imana nyine ari Roho, naho twe tukaba abantu. Inzira zayo, iyo bitaba ku bw'ineza yayo, ntaho zajyaga guhurira n'izacu bene-muntu, n'ibitekerezo byayo byari kuba indashyikirwa kuri twe. Kugira ngo bwa butumwa bubeshe kuduhira, tugomba rero kwakira ineza y'Imana, tugomba kwemerera Roho wayo akayobora roho yacu ya muntu, ntiduhore gusa mu byo kuvuga ngo « Nanje ndi umuntu nk'abandi, birumvikana ko nagira intege nke nk'abandi bose ». *Umusaserdoti si umuntu nk'abandi bose, ntagomba kumera nk'abandi bose* (Myr Niyibizi François watubereye umurezi mu Iseminari Nkuru ya Nyakibanda, ni we wakundaga kutubwira ngo « tu n'es pas obligé d'être comme tous les autres »). Aho kuba nk'abandi bose, umusaserdoti ahamagariwe kuba umuntu w'Imana by'ukuri, bitari ku izina gusa, yihatira ko ubuzima bwe, abifashijwemo na Roho Mutagatifu, buhora bwishushanya n'amayobera y'Umusaraba wa Kristu yigisha abandi, kandi ahimbaza ubudatuza kuri Altari no mu yandi masakramantu.

Ibi bisaba ko umusaserdoti aba umuntu ushyize umutima hamwe n'uwa Kristu, ukomeye ku isengesho, ryo mpumeko ituma turenga ibyo kuba abantu gusa, ahubwo tugahuza inzira zacu n'iz'Imana, ibitekerezo byacu n'iby'Imana, tukaba abana bayo n'intumwa za Kristu. Mutagatifu Benedigito (Saint Benoît) wari waraceneye iby'uko mubano wihariye n'Imana, ni we ugira ati : « *ante Deum stantes, non simus corde vagantes. Si cor non orat, in vanum lingua laborat* ». Umusaserdoti rero ni « ante Deum stans ». Ni uhagaze imbere kuri Altari, imbere y'uruhanga rw'Imana y'ishema, ahagarariye abakristu, n'abantu bose, abatakambira hamwe na Kristu, We Musaserdoti Mukuru kandi uhoraho, ngo babone agakiza. Abakristu mu ikoraniro ritagatifu, kimwe n'abantu bose muri rusange (et si sensus deficit), ni ba « *circumstantes* ». Ni abakikije umusaserdoti bamurora, bamutezeho ubuvugizi imbere ya Kristu, bamutezeho urugero rwiza n'ubufasha bw'ingeri zose. Umusaserdoti rero, yirinde kuba « *corde vagans* ». « *Hama hamwe* » ! Bivuga ngo : « *hamya ibirindiro mu mubano na Kristu* ». « *Hamya umutima hamwe, mu butumwa wahawe* ». « *Non simus corde vagantes* » : tuzira guhuna no kuba nk'ibyagumbwa mu murima, twebwe intambiramihigo za Kristu ! Bitabaye ibyo, « *in vanum laboras* » : niba umutima wawe udahuje n'uwa Kristu, uraruhira nyanti ! Urakorera ubusa !

Bavandimwe, uwavuga iby'ubusaserdoti ntiyabiheza. Hari amayobera adashobora kuvugwa ngo birangire. Ushatse kuvuga ubusaserdoti, cyangwa Ukaristiya, cyangwa Bikira Mariya, bwakwira bugacya. Numquam satis ! Ni cyo gituma mpisemo guhina amagambo, nsaba ngo ibyo ururimi rwanje rudashobora guheza, umutima wo uhore ubishyinguye, ubizirikane kandi ubikunde, maze uko imyaka itaha, Umusaserdoti Mukuru w'icyiciro cya Melkisedeki akomeze yitorere bensi bamubera ishusho mu bantu, kandi abasakazeho imbaraga za Roho we, ngo bajye barangizanya ibyishimo inshingano zijiyanje n'uguhamagarwa kwabo.

Laudetur Jesus Christus, in aeternum ! Yezu Kristu akuzwe, iteka ryose.

Padiri Martini BAHATI

UDUKURU TWO HIRYA NO HINO

NYAKANGA 2012

Tariki ya 03/07 : Inama y'Ubuyobozi ya Kinyamateka yarateranye iyobowe na Myr Alexis Habiyambere, Président w'iyo nama.

Tariki ya 07/07: Habaye umunsi wo kwibuka Myr Aloys Bigirumwami Umushumba wa mbere wa Diyosezi ya Nyundo. Uwo munsi wateguriwe kwibuka imyaka 60 ishize Nyundo ibonye Umwepiskopi wayo wa mbere. Hari abantu benshi bo muri Diyosezi ya Nyundo n'abaturutse ahandi mu Rwanda bitewe n'uko bamenye kandi bagakunda uwo Mwepiskopi w'ingenzi. Muri abo baje Nyundo yashimishijwe cyane no kwakira Musenyeri Philippe Rukamba, Umwepiskopi wa Diyosezi ya Butare, akaba ari mwene J.Baptiste Rukamba murumuna wa Musenyeri Aloys Bigirumwami. Hari n'abantu bishyize hamwe bazana mu modoka nini bahujwe n'uko bamenye kandi bagakunda Myr Aloys Bigirumwami. Harimo cyane cyane abize mu mashuli yashinze kandi yakundaga gusura. Muri abo harimo n'abo yafashije bashobora kwiga amashuli makuru ndetse bajya kuyigira no mu Burayi. Ikirushijeho gushimisha, n'uko kwibuka Myr Bigirumwami nabo ubwabo byabagize incuti. **Tariki ya 14/07:** Musenyeri Alexis Habiyyambere yatangiye ubusaserdoti i Busasamana. Bwahawe abapadiri babiri aribo : Emmanuel Hakizayezu uvuka muri iyo paruwasi ya Busasamana, na J.Damascène Hakizimana wo muri paruwasi ya Muhato. Abahawe ubudiyakoni bo bari barindwi.

Tariki ya 16/07: Twamenyeshejwe ko Musenyeri Yozefu Nduhirubusa yitabye Imana. Yaguye muri Diyosezi ye ya Ruyigi ho mu Burundi, banamenyesheje ko azashyingurwa ku itariki ya 23/07/2012.

Tariki ya 19/07 : Abantu batanu baturutse i Bolzano ho mu Butaliyani bayobowe na Padiri Martini Bahati baje gusura Diyosezi ya Nyundo. Musenyeri yabakiriye mu rugo rwe ku itariki ya 22/07/2012.

Tariki ya 21/07 : Musenyeri Alexis Habiyyambere yatangiye Isakramentu ry'ubusaserdoti ku Muhororo. Abahawe ubupadiri ni Padiri Stratton Nshimyumuremyi uvuka aho ku Muhororo, na Padiri Théodore Mpayimana uvuka muri paruwasi ya Nyange. Abafaratiri batatu bahawe ubudiyakoni.

Tariki ya 25/07: Musenyeri J.M.Vianney Nsengumuremyi Igisonga cy'Umwepiskopi wa Nyundo, yizihije isabukuru y'imyaka 35 amaze ahawe ubupadiri.

KANAMA 2012

Tariki ya 01/08 : Ikigo cy'ubwishingizi cya Kilizya Gatolika cyitwa CORAR cyahawe_abayobozi bashya. Umuhango w'iherekanya bubasha wabaye ku iyi tariki ya 01/08. Musenyeri wa Diyosezi yacu yari muri uwo muhango.

Tariki ya 04/08: Padiri Martini Bahati, umupadiri ukomoka muri Diyosezi ya Nyundo, uba mu Butaliyani ariko ntiyibagirwe aho avuka, yizihije Yubile y'imyaka 25 amaze ahawe ubupadiri. Misa yabereye muri

Katedrali ya Nyundo ikurikirwa n'ibirori byiza byabereye mu iseminari nto yaragijwe Piyo wa X.

Tariki ya 05/08 : Musenyeri yakiriye incuti ziturutse i Bonn ho mu Budage zirangajwe imbere na Padiri Disimasi lyakaremye, umupadiri wa Diyosezi ya Nyundo ufile ubutumwa aho mu Budage.

Tariki ya 06/08 : Padiri Laurent Ngendahayo Umuyobozzi wa Seminari nto ya Nyundo, yagiye mu Butaliyani gusura incuti z'iyo Seminari yaragijwe Mutagatifu Piyo wa X.

Tariki ya 11/08: Buri mwaka Musenyeri Alexis Habiyambere arangaje imbere y' abapadiri, abihayimana n'abakristu baturutse hose muri Diyosezi ajya i Kongo Nili gushimira Imana yisunze Bikira Mariya, Umubyeyi w'abakene waragijwe Diyosezi ya Nyundo, akamutura abapadiri n'abadiyakoni babuhawe uwo mwaka. Kuko hari impamvu ituma atazaboneka ku munsi w'Ijyanwa mu ijuru rya Bikira Mariya, yabigize kuri iyi tariki ya 11/08, ashimira Imana yaduhaye abapadiri bane n'abadiyakoni icumi.

Tariki ya 12/08 : I Kigufi mu rugo rw'ababikira bo mu Muryango w'Ababenedictine habereye Misa yo gushimira Imana kubera imyaka 25 Mama Geneviève Mukamana na Mama Béata Uwamariya bamaze biyeguriye Imana muri uwo muryango. Uwo munsi wagonze neza, wizihirizwa mu busitani bw'urwo rugo, dore ko aho hantu harangwa n'amahumbezi yo mu kiyaga cya kivu kihakikije.

Tariki ya 15/08 : Paroisse ya Mwange muri Diyosezi ya Ruhengeri yizihije Yubile y'imyaka 25 imaze ishinzwe. Musenyeri Alexis Habiyambere yagiye muri iyo Yubile, ahahurira n'Intumwa ya Papa mu Rwanda yari yaje nayo kuyizihiza.

Tariki ya 16/08: Padiri Gaudens Murasandonyi wahoze ari umupadiri wa Diyosezi ya Nyundo yagize amasezerano mu muryango w'abapadiri b'Abasaleziyani. Byabereye muri Paruwasi ya Rango ya Diyosezi ya Butare. Abapadiri benshi ba Diyosezi ya Nyundo bagiye kwizihiza ayo masezerano.

Tariki ya 18/08: Muri Foyer de Charité y'i Remera-Ruhondo habereye Yubile y'imyaka 25 yo kwiyegurira Imana ya bamwe mu bagize urwo Rugo rw'Urukundo.

Musenyeri Alexis Habiyambere yifatanyije nabo muri uwo munsi wo gushimira Imana.

Tariki ya 23-24/08: Musenyeri Alexis Habiyambere yari i Kigali, ayoboye inama y'abapadiri bacunga umutungo wa za Diyosezi. Yari inama yo kureba uko seminari nkuru uko ari eshatu: Rutongo, Kabgayi na Nyakibanda, zakoresheje ibyo zagenewe, no guteganyiriza undi mwaka w'amashuli.

Tariki ya 28-31/08: Hari inama isanzwe ya C.EP.R. ariyo nama ihuza Abepiskopi Gatolika bo mu Rwanda.

NZERI 2012

Tariki ya 05/09 : I Kabgayi habereye inama ireba ibya Plan Strategique de l'Eglise Catholique. Ducishirije ni Igenamigambi ry'Imiyoborere iboneye ya Kiliziya Gatolika. Musenyeri Alexis Habiyambere niwe ukuriye iyi Komisiyo.

Tariki ya 08/09 : Musenyeri Alexis Habiyambere yari mu birori byo kwizihiza Yubile y'imyaka 50 ya Diyosezi ya Butare.

Tariki ya 16/09 : Musenyeri yahaye Isakramentu ry'Ugukomezwa abagororwa 42 bo muri Gereza ya Rubavu iri mu murenge wa Nyakiliba.

Tariki ya 21/09 : Nk'uko ku itariki ya 7 Nyakanga 2012, ku Nyundo hari habereye Misa yo gushimira Imana yatoye umunyarwanda wa mbere agahabwa Ubwepiskopi, hakaba hashize imyaka 60, noneho i Kigali muri Centre Christus habereye ihuriro ryo kuzirikana ku Ndangagaciro z'ubukristu n'umuco w'abanyarwanda uwo Mushumba w'imena yagaragaje mu mibereho ye, mu bikorwa no mu nyigisho.

Tariki ya 26/09 : Abepiskopi Gatolika bo mu Rwanda barahuye kugira ngo bategure ibaruwa ikangurira abakristu ibijyanye n'Umwaka w'Ukwemera.

Tariki ya 27/09: Musenyeri Alexis Habiyambere yabonanye n'abadiyakoni n'abafaratiri ba Diyosezi ya Nyundo, bari mu nama yabo iba buri gihe iyo basoje ibiruhuko, bitegura gutangira umwaka mushya w'amashuli. Ni umwanya wo kubamenyesha icyerekezo cy'lyogezabutumwa muri Diyosezi kugira ngo bategure bazi abo bari bo, n'ubutumwa bubategereje.

UKWAKIRA 2012

Tariki ya 01–06/10

na 08 -13/10 : Abapadiri ba Diyosezi ya Nyundo basimburanye mu matsinda abiri mu mwiherero ngaruka mwaka.

Tariki ya 07/10: Abanovice batandatu bashoje Noviciat, bo mu muryango w'Abahire ba Nyina wa Jambo bagize amasezerano yabo ya mbere.

Tariki ya 09/10: Padiri Jacques van der Bomm, wahoze ari padiri mukuru wa paruwasi yaragijwe Mutagatifu Lambert y'i Endhoven ho mu Buholandi yitabye Imana. Uyu mupadiri yari incuti ikomeye ya Diyosezi

yacu. Yakunze cyane abapadiri bayo, abafasha kwisuganya nyuma ya Jenoside n'ibibazo byinshi yasize iteje.

Tariki ya 13/10: Muri Katedrali ya Nyundo habereye Misa iyobowe n'Umwepiskopi bibuka imyaka 90 y'uwashinze umuryango wa Lejiyo Mariya.

Tariki ya 17-18/10: Inama ya Presbyterium, ariyo nama ihuriza hamwe abasaserdoti bose ba Diyosezi bayobowe n'Umwepiskopi yarateranye. Yibanze cyane ku itegurwa ry'umwaka w'Ukwemera. Bemeza imihimbazo y'ukwemera izagenda igirwa n'ibyiciro bitandukanye mu mezi y'ubo mwaka, banasaba ko hategurwa agatabo kazafasha imiryangoremezo kuzirikana ku ngingo z'ingenzi za Gatigisimu ya Kiliziya Gatolika. Cyane cyane biyumvishije ibyo Papa Benedicto wa XVI yibutsa, avuga ko ukwemera dushaka kugeraho ari ukudufasha guhura na Yezu muzima, tukamumenya, bikadutera guhinduka abantu bashya.

Tariki ya 19/10: Bwana Jean de Dieu Mucyo Umuyobozi wa C.N.L.G yaje ku Nyundo azinduwe no kwigira hamwe n'abaho ibyerekeye Urwibutso rugomba kwimurwa kubera imyuzure y'umugezi wa Sebeya ihora ihangiza.

Tariki ya 20/10: Musenyeri Alexis Habiyambere yagiye gusomera misa ihuriro ry'abafakazi bari bateraniye kuri paruwasi ya Muhato.

Tariki ya 22-30/10: Musenyeri Alexis Habiyambere yafashe akanya ko kwiherera asenga.

Tariki ya 31-01/11: Urubyiruko rwiga muri Kaminuza rw'i Bujumbura, Goma na Gisenyi rwahujwe ku Nyundo na Komisiyo y'Ubutabera n'Amahoro ya Diyosezi ya Nyundo, rugira ngo bashyikirane bitoze kurenga ibitekerezo bigufi bishyamiranya abavandimwe. Musenyeri Alexis Habiyambere yabaturiye igitambo cya Misa cyo gusoza uwo mushyikirano.

UGUSHYINGO 2012

Tariki ya 08/11: Umukuru wa Institut Saint Boniface ifite ababikira bayo mu Mbugangari ho muri paruwasi ya Muhato, yaje ku Nyundo kubonana n'Umwepiskopi.

Tariki ya 12/11: Umukuru w'abafurere bitangira inyigisho za gikristu (F.I.C) nawe yaje kubonana n'Umwepiskopi. Aba bafureri bafite urugo rurera abitegura kwiyegurira Imana muri uwo muryango ahitwa Muhira muri paruwasi ya Nyundo, bakagira n'urugo ruri ku Gisenyi rwita ku rubyiruko bahuriza mu cyo bita "Vision Jeunesse Nouvelle".

Tariki ya 15-17/11: Umushumba wa Diyosezi ya Frosinone ho mu Butaliyani yaje gusura Diyosezi ya Nyundo. Iyo Diyosezi ifitanye umubano wihariye na Diyosezi ya Nyundo, yaje aherekejwe n'abapadiri barimo Padiri Epimaque Makuza wahoze ari padiri mukuru ku Gisenyi.

Ubu yiga i Roma, kandi agafasha mu mirimo ya paruwasi muri iyo Diyosezi.

Tariki ya 17/11: Musenyeri yagiye gutanga Isakramentu ry'Ugukomezwa muri paruwasi ya Kivumu.

Tariki ya 18/11: K'uyu munsi, ni quasi-paroisse ya Kavumu yakiriye Umwepiskopi, atanga Isakramentu ry'Ugukomezwa kandi yigira hamwe na padiri mukuru wa paruwasi ya Biruyi ibyerekeye itegurwa rya paruwasi nshya izashyirwa aho i Kavumu mu gihe kitakiri kure cyane.

Tariki ya 19/11: Umuhire wa Nyina wa Jambo Bernadette

Nyiranzabonimpaye witabye Imana, yashyinguwe ku Nyundo. Misa yo kumuherekeza yayobowe n'Umwepiskopi, hari n'abihayimana benshi ba Nyundo na Gisenyi.

Tariki ya 20/11: M 23 yafashe umugi wa Goma. Guhera ku mugoroba wo ku itariki ya 19, abegereye umupaka wa Kongo batangiye guhunga, ariko ku manywa yo ku wa 20/11 urusaku rw'amamasu rwaratuje ndetse abari bahunze batangira gusubira iwabo.

Tariki ya 21/11: Musenyeri yagiye gutanga Isakramentu ry'Ugukomezwa muri Santarali ya Skyiki ya paruwasi ya Kinunu.

Tariki ya 24/11: Musenyeri Alexis Habiyambere yagiye gusoza inteko nkuru y'Umuryango w'Abahire ba Nyina wa Jambo. Amaze kugezwaho imyanzuro y'iyo nteko nkuru, yabaturiye igitambo cya Misa.

Tariki ya 25/11: Musenyeri Alexis Habiyambere yatangiye Isakramentu ry'Ugukomezwa muri paruwasi ya Kinunu.

Tariki ya 27/11: Musenyeri Alexis Habiyambere yagiye muri paruwasi ya Busasamana gusura abakristu bari bahungabaniwe n'abacengezi bari bateye mu bice by'iyo paruwasi bihana umupaka na Kongo. Icyakora ingabo z'u Rwanda zahise zibasubizayo n'abaturage bari birukanse basubira mu byabo.

UKUB0ZA 2012

Tariki ya 01/12 : Musenyeri Alexis Habiyambere yatangiye Isakramentu ry'Ugukomezwa muri paruwasi ya Biruyi.

Tariki ya 03/12 : Musenyeri Alexis Habiyambere yatangije inama y'abahagarariye abapfakazi ba Diyosezi ya Nyundo.

Tariki ya 04-07/12: Musenyeri yari mu nama isanzwe ihuza Abepiskopi Gatolika bo mu Rwanda.

Tariki ya 06/12: Twumvise inkuru ibabaje y'urupfu rwa Ministri Aloyiziya INYUMBA.

Tariki ya 08/12: Paruwasi ya Kabaya yaragijwe Bikira Mariya utasamanywe icyaha yizihije umunsi mukuru w'uyu Mubyeyi. Batumiye Umwepiskopi, abaturira igitambo cya misa, banamumurikira ibyo bamaze kwigezaho mu gihe gito iyo paruwasi imaze itangiye.

Tariki ya 14/12: Amasezerano y'abafashabutumwa, rubanda bakunze kwita abakobwa ba Musenyeri, yitwa "Uguhamagarwa". Kuko bataba mu bigo, ahubwo buri muntu akiyegurira Imana, ahamya Kristu ari rwagati mu bantu, asa nabo, akora imirimo imwe nabo. Icyakora agahora yiteguye ko Umwepiskopi yamutuma aho yasanga Kiliziya imukeneye, kubera izi mpamu gusezerana amasezerano y'abyeguriyimana, bo babyita kwitaba ijwi ry'Imana ibahamagara inyuze k'Umwepiskopi. Ku iyi tariki ku Gisenyi kuri Centre St.Pierre, habereye misa iyobowe n'Umwepiskopi yabayemo iryo hamagarwa.

Tariki ya 16/12 : - Umuryango wa Emmaüs wijihije isabukuru y'imyaka 30 umaze ushinzwe na Padiri Martini Bajyambere. Musenyeri yayoboye igitambo cya misa cyakurikiwe n'ibirori byabahaye umwanya wo kubwira Musenyeri ibyo bakoze kugeza ubu no kumubwira imihigo bafite, bamusaba ko nawe yabaha ubutumwa. Yabasabye gukomeza kurwanya ingeso yo kwishyingira no kwitangira gufasha urubyiruko, cyane amatsinda y'abana gukomera mu bukristu. Ibyo bikazarushaho muri uyu mwaka w'Ukwemera.

- Ku mugoroba w'uju munsi, abakuru b'uturere (Mayors) ba Burera, Musanze na Gakenke, baje kwifuriza Noheli nziza n'umwaka mushya muhire, Musenyeri Alexis Habiyambere. Berekanye umuco mwiza w'ubupfura wibuka uwo mwabanye, kuko Musenyeri Alexis yabanye nabo imyaka ibiri ari umuyobozi wa Diyosezi ya Ruhengeri.

Tariki ya 25/12: Musenyeri yahisemo kwizihiza umunsi wa Noheli aturira igitambo cya Misa abakristu, bazinduka kare mu misa ya saa moya. Bari buzuye no hanze hari benshi bakeye basingiza Jambo wigize umuntu. Musenyeri abasaba kurushaho kwemera Yezu Kristu bikagaragarira mu bikorwa, babikesha kwitabira ibisabwa byose muri uyu mwaka w'ukwemera.

Tariki ya 26/12: Musenyeri Visenti Harolimana, Umushumba wa Diyosezi ya Ruhengeri, yazanye n'abo babana mu rugo rwe bose, baza kwifuriza Musenyeri Alexis Habiyambere Noheli nziza n'Umwaka muhire wa 2013.

Tariki ya 30/12: Umuryango wa A.G.I.(Agisiyo Gatolika y'Ingo) wijihiye Yubile y'imyaka 50 umaze ushinzwe. Uyu muryango watangijwe na Musenyeri Aloys Bigirumwami wafashije ingo, wigisha abashakanye kwicarana bakajya inama, bakandika ibyo biyemeje, bakajya bagira isuzuma migambi. Wanabatoje kumenya kubara ibyinjira n'ibisohoka mu rugo. Ubatzo guhinga imboga ngo bagire imirire myiza. Ubu ibi byose barabikomeza banarushaho no guha umwanya Ijambo ry'Imana mu rugo rwabo.

Tariki ya 31/12: Ku mugoroba habaye misa yo gushimira Imana iyobowe n'Umwepiskopi. Mu nyigisho yibukije ibyiza byinshi Diyosezi yagiriwe muri uyu mwaka, ashimira abakristu n'abasaserdoti ubwitange bagize

ngo ibyo bazirikana byose bigerweho. Anibutsa na byinshi byagezweho
ku buntu bw'Imana nk'abasaserdoti bashya bane, n'abadiyakoni icumi.
Imiryango yizihije imyaka imaze iharanira ikuzo ry'Imana: Legio,
Emmaüs na A.G.I. Ararikira abakristu kwakira impano y'umwaka
w'Ukwemera ukwiye kuzasiga utuvuguruye muri byinshi.

Amakuru n'aha tuyasoreje, tuzakomeza ubutaha.

Françoise BAMURANGE